ISHURI RITO RYA BIBILIYA

1 &2 Abakorinto

AGATABO KA #13

Igice Cya Mbere

Incamake Y'imbonerahamwe Y'urwandiko Rwa Mbere Pawulo Yandikiye Abakorinto

Urwandiko rwa mbere Pawulo yandikiye Abakorinto ruteye nk'izindi nzandiko za gishumba Pawulo yandikiye amatorero yatangije mu gihe yakoraga umurimo wubumisiyoneli nuw'umubibyi wamatorero uhambaye mu muteka y'itorero rya Yesu Kristo. Urwandiko yandikiye Abaroma rwari urwiganjemo inyigisho za tewologiya, yarwinditse nk'inyigisho rusange zirimo ibitekerezo by'imyizerere, arwandikira itsinda ry'abizera atarigera ahura nabo. Ariko, inzandiko ze nyishi zihumekeye zanditswe mu gitekerezo cya gishumba aho yazandikiraga amatorero yar'azi neza mu rwego rwo gukemura ibibazo cyangwa se kuburira no gukomeza abizera mu kwizera kwabo. Urwandiko rwa mbere Pawulo yandikiye Abakorinto ni rumwe mur'izo zandiko Pawulo yandikye itorero yar'azi neza kuburyo yarigorora mu bibazo runaka.

Igice cy'urwandiko kirimo ibyo kugorora (Guhere ku gice cya mbere kugeza kuri cumi na rimwe)

Pawulo yashinze itorero ry'ikorinto mu gihe yari mu rugendo rwe rw'ubumisiyoni ku nshuro kabiri (Ibyakozwe 18). Mu gahe gato k'imyaka itatu nigice yamaze I Efeso, Pawulo yashoboye gusura itorero ry'I Korinto ku nshuro ya kabiri. Byari kur'iyi nshuro ya kabiri ubwo bamwe mu bagize itorero bamenyesheje Pawulo uko ibibazo byinjiye mu itorero igihe Pawulo yari adahari. Urwandiko rwa mbere Pawulo yandikiye Abakorinto rwahanganaga nibyo bibazo ndetse rukabereka nuburyo bwo kubigorora.

Hatitawe ku bibazo byabo byinshi, Pawulo yafataga abizera b'I Korinto "nk'aberejwe muri Kristo Yesu" kandi "bahamagariwe kuba abera (bejejwe)." (1:2) Ukurikije uburyo yanditse uru rwandiko, dushobora kugira icyo twiga kubusobanuro bw'ijambo "kwezwa." Ubosobanuro myandikire bw'iri jambo ni, "gutandukanwa." Abantu bejejwe ntabwo ari abantu b'intungane ahubwo n'abantu batandukanirijwe gukurikira Kristo. Kubw'impamvu yuko Abakorinto bari bahamagariwe guhagararira Kristo mu Isi, nuko rero, nk'umuntu wigeze kuyobora aba bene torero mu kwizera muri Kristo, Pawulo yishyizeho inshingano zo kwigisha Abakorinto ubryo bwo kubaho bukwiriye.

Ibice cumi na kimwe bibanza mu rwandiko rw'Abakorinto bihangana nibi bibazo byihariye Pawulo yabonye kuba bimungira itorero mu imbere, byabangamiraga ugukura kwabo kwo mu mwuka n'ubuhamya bwabo, yaba umuntu ku giti cye, nitorero rusange mu mujyi w'I Korinto. Pawulo mu kugenzura ibibazo yahanganye nabyo mu itorero ry'I Korinto, no gutanga ibisubizo byabyo, ibyo bitwungura ibitekerezo by'uburyo natwe twahangana nibyo bibazo igihe bigaragaye mu matorero yacu yikinyejana cya makumyabiri na rimwe.

Ibibazo Pawulo yabwiwe na Kilowe

Ibibazo yabwiwe igihe yari mu itorero ryo murugo rwa Kilowe byari; kwicamo ibice mu itorero, ubusambanyi, no kuba Abakorinto baregana ubwabo mu nkiko nyobozi z'I Korinto.

Aha Pawulo aber'intanga rugero kur'abo bashumba amatorero, ibyo abigira ubwo yabwiraga Abakorinto uburyo yabonyemo amakuru yerekeranye nibibazo byomu itorero ryabo. Mugice cya 1:11, dusoma ibi, "kuko bene Data nabwiwe ibyanyu n'abo kwa Kilowa, yuko habonetse intonganya muri mwe." Igihe

yavugaga itorero rya Kilowe – itsinda ry'abizera bahuraga inshuro nyinshi mu rugo rwa Kilowe – yatangaje aha ariho isoko yamakuru y'ibyo yamenye, aha Pawulo yashakaga kutwereka ko atemeraga ibyo guhisha umwirondoro wabantu, igihe abo bantu bashatse kumubwira ibibazo byerekeranye abantu runaka mw'itorero ryaho batuye.

Akenshi Abashumba basangwa nab'itorero baba bashaka kubabwira ibyerekeye "runtaka na runtaka cyangwa se mwene Data uyu nuyu," ibyo bakabwira umushumba nicyitonderwa ko umushumba atagomba kuvuga uburyo ndetse naho yakuye ayo makuru. Ibyo Pawulo ntiyemerega ko bibaho. Hamwe nibyo kandi, Pawulo yerekanaga ko ibyo yashinjaga bamwe mub'itorero bitari amagambo adafite gihamya, ahubwo yabandikiraga mu rwego rwo kubacyaha, abakosora, no gukemura ikibazo akora umurimo wo kububaka. Mu gihe hari ab'itorero batifuzaga ko izina ryabo ridaherekeza amakuru batanze, ibyo Pawulo yabifataga nk'ibihuha – ndetse ntagire icyo avuga cyerekeranye nibyo bihuha mburamukoro.

Ibibazo Byo Gucikamo Ibice Mu Itorero
(Igice Cya Mbere Kugeza Ku Cy'akane)

Icya mbere cyaterega ugucikamo ibice mu itorero ry' I Korinto cyari yuko bamwe bakurikiraga umushumwa runaka bakunda noneho bakanga kwemera ubuyobozi bw'undi mushumba wo mu itorero. Pawulo niwe mushumba watangije iri torero ndetse akarishumba mu mezi cumi numunani yaryo abanza. Yafatwaga nk'intiti zikomeye zo mu gihe cye. Ibi byateye abizera benshi b'I Korinto kumufata nkumuyobozi wabo wukuri, kandi ibyo byanaterwaga nuko umujyi w'I Korinto wafatwaga nkumujyi wabantu bajijutse. Itorero ry'I Korinto ryari rimeze nk'itorero iwacu dufata nkiriherereye mu murwa urimo kaminuza izwe cyane, aho iyo kaminuza ifatwa nkumutima nubuzima bwuwo mujyi.

Undi mugabo witwaga Apolo, umubwiriza w'intyoza, nawe yari umushumba I Korinto. Ubutyoza bwe mu mvugo byakundwaga nabigishwa benshi mu itorero ry'Abakorinto rya mbere. Imvugo y'icyo gihe yagiraga iti "kuvuga nkuko I Korinto bavuga," byerekanaga agaciro gakomeye abagiriki b'I Korinto bahagaga ubutyoza.

Naho ab'itorero bari bafite amashuri macye, kuruhande rwabo, bubahaga cyane intumwa Petero yamashuri macye. Uku kwica mu bice aho abizera hagati yabo barobanuraga abayobozi

kubutoni, nibyo Pawulo yahanganye nabyo mu bice bine bibanza mur'uru rwandiko.

Ikibazo cy'ubusambanyi mu itorero (Igice cya gatanu)

Hagati aho, hari umugabo mu itorero ry'I Korinto wabanaga numugore wa se, nubwo ab'itorero benshi bari babizi ntacyo bigeze bakora ngo bagorore ibikorwa by'ubusambanyi bw'uwo mugabo. Mu gice cya 5, Pawulo yacyashye abizera kubwo kutagira icyo bakora, yabahaye amabwiriza yo gushira uwo mugabo mu kato akava mu itorero. Urwandiko rwa kabiri rw'Abakorinto bwemeza ko abizera bakurikije amabwiriza ya Pawulo, ndetse Pawulo abwiriza itorero kumwakira mu iteraniro ryabo iyindi nshuro (2 Abakorinto 2:4-8).

Ikibazo cy'abizera baregaga mu nkiko abandi bizera (Igice cya Gatandatu)

Nubwi abigishwa ba Yesu bagira amakimbirane yabo, Pawulo yacyashye cyane Abakorinto kubwo kujyana amakimbirane yabo mu nkiko, bashakira ugukemura kwamakimbirane yabo, ubwenge no kurenganurwa, biturutse kumucamanza udafite Umwuka Wera. Aha Pawulo yavugaga ko Umwuka Wera, utuye muri bo, yabafasha gukemura amakimbirane yabo. Mu kubanenga, Pawulo arerekana ko umuntu uciritse nyuma yabandi mu itorero ariko afite Umwuka Wera, uwo afite ibyangombwa byo guhangana nayo makimbirane kuruta abadafite Umwuka wera, abacamanza b'Iy'Isi. Ibi ntabwo Pawulo asobanuye ko ari uko biri. Arimo arakoresha iyi mvugo ikobya kugaragaza igitekerezo cye. Aha, arababwira ko ikiruta ari uguhomba ibyo baburanira, aho kujyana umwizera murukiko, ndetse bikangiza ubuhamya bwa Kristo aho batuye.

Iri bwiriza rye rihumekewe ryatumyw havuka icyo tuzi uyu munsi "Itegeko ritagatifu" muri Kiriziya Gaturika. Iri bwiriza kandi ryatumye abizera benshi banga gukemurira amakimbirane yawe mu nkiko za leta, naho byabatera ibihombo bikomeye. Abizera kandi bashyira mu ngiro ibiri mur'iki gice igihe baba bashaka inama yubwenge ivuye ku bayobozi b'umwuka bakuze.

Ibibazo Abakorinto Babajije Pawulo
Ibibazo Byerekeranye N'urushako
(Igice Cya Karindwi)

Pawulo atangira igice cya karindwi agira ati, "ibyerekeye ibyo mwanyandikiye." Iki cyerekana isoko ya kabiri yamakuru, Pawulo yagendeyeho ahangana nibibabazo byo mu itorero ry'I Korinto. Ikibazo cya mbere mu rwandiko iri torero ryohereje Pawulo cyari ikibazo cyerekeranye n'urushako. Iki gice cya

Bibiliya cyerekeranye nurushako gikubiyemo ibisubizo by'ibibazo byurushako iri torero ryabajije Pawulo.

Ubusobanuro bwa Bibiliya bugezweho butandukanya iki gice mu bika. Buri gika kigaragaza igisubizo cya Pawulo ku kibazo cy'ibijyanye nurushako bamujajije mu rwandiko bamwandikiye. Mu kwiga igisubizo yabahaye, ushobora kumenya uko ikibazo cyari giteye. Ibisubizo byose bya Pawulo bigomba kureberwa mu rukurikirane rw'imirongo makumyabiri nitandatu aho usanga amagambo akurikira: "Mu ruhame rw'ibibazo byiki gihe." Ugutotezwa niko kwari ibibazo byicyo gihe. Inama nyinshi zihumekeye Pawulo yatanze mur'iki gice zikoreshwa mu bihe itorere riri gutotezwa. Niyo mpamvu Pawulo ajya inama ko ingaragu zigomba kugoma ari ingaragu. Igihe ibyo bibaye iranga mimerere yawe, noneho bibera byiza umugabo kudakora kumugore.

Kubyiyongeye ku kaga kicyo gihe, Pawulo yemeje ko abo batarashaka bashobora kurushaho kwiyegurira umwami, naho abashakanye biyegurira Imana ariko banatekereza abo bashakanye. Mu gusoza iki gika kwuki gice, Pawulo yigisha ukuba ingaragu. Asobanura ko kuba ingaragu ari impano.

Ariko nanone, Pawulo ashishikariza aba bizera kunyurwa, yaba bubatse cyangwa se ari ingaragu, aho kugirango babeho bifuza irindi rangamimerere ritandukanye niryo bafite. Yakomeje avuga ko mu buryo bwose urushako rwemerewe kuri abo bose batahamagariwe kuba ingaragu.

Mwene Data w'Intege Nke
(Igice cya munani kugeza ku gice cya cumi)

Abizera benhsi b'itorero ry'I Korinto barwanaga no kumenya niba bikwiriye cyangwa se bidakwiriye abizera kurya inyama zatambiwe ibigirwamana. Pawulo asubiza iki kibazo mu gice cya 8-10 cy'uru rwandiko. Yanzuye ko abizera batagomba kurya inyama zatambiwe ibigirwa mana, niba ibyo byatera undi mwizera gusitara. Ariko kandi, yagaragaje ko igikorwa cyo kurya Inyama zatambiwe ibigirwamana kidashobora kubangamira ukwizera kumuntu, uretse nibyo, "tuzi yuko igishushanyo ari nta cyo ari cyo mu isi, kandi yuko ari nta mana yini iriho keretse imwe." (8:4)

Igice mpindura mitekerereze kigize igisubizo Pawulo yatanze kuri iki kibazo gikomeza kugaragara, ubwo yandikaga: "ariko ubwo bwenge ntibuzwi n'abantu bose. Kuko bamwe kubwo kumenyera gukorera ibigirwamana barya inyama

zabiterekerejwe, bakiyumvamo ko ari imana nyamana baziterekereje, nuko ibyo bigatuma imitima idakomeye yononekara. Aha, ikibazo ntabwo ari igikwiriye cyangwa se ikidakwiriye. Icy'ingenzi ni, uwo mwene Data w'intege nke, waba umukunda urukundo rungana iki? Uwo, Kristo yaramukunze kugeza aho amupfira. Ese waba umukunda bihagaje kugeza aho wigomwa cyangwa se ureka kurya imbehe y'inyama kubwe.

Asoza iki gice cy'urwandiko adusangiza amahame atatu tugomba gukoresha mu bihe duhuye nibi bibazo twakwita "ibibazo bidasobanutse neza" byerekeranye ko kwezwa. Aha ndavuga – ibyo bibazo bitagaragazwa neza mu byanditswe ariko kuburyo twakenera cyangwa se tutanakenera kubyirinda nkabizera bahamagariwe gutandukaniriza Kristo. Ayo mahame ni aya akurikira:

1. Ukore byose kubw'icyubahiro cy'Imana
2. Uko ibizana agakiza kabazimiye ndetse nigisubizamo intege mwene Data w'integer nke.
3. Wirinde ntube uharanira inyungu zawe bwite

Inshingano Zabagore Mu Itorero
(Igice cya cumi na rimwe)

Mu gice cya 11:1-22, Pawulo avuga ibyerekeye umwanya abagore bafite imbere y'Imana nabagabo. Uretse ibyo kubategeka kwitikira imitwe ighe basenga cyangwa se bahanura, ndetse agategeka abagabo kureka imitwe yabo idatwikiye, Pawulo yibwiraga ko abagore basengaga ndetse bakanahanura iyo itorero ryateranaga.

Iki gice ntabwo kibwira abagore kwambara ingofero igihe baje kurusengero. Ibi byari bijyanye numuhango ujyanye nuko abagore bitwikiraga nkuko babigenza kugeza uyu munsi muri icyo gice cy'Isi. Iyo umugore wizera yahitagamo kudakomeza kwitwikira umwitero we, Pawulo yanditse ko uwo aba ari gusuzuguza umugabo we. Ku kindi kijyanye niby'uwo muco Pawulo yanditse asubiza, nuko maraya zicyo gihe zititwikiraga mu mutwe ndetse zabaga zifite imisatsi yogoshe. Niyo mpamvu Pawulo yandika ko niba ari iby'isoni (mu muco wanyu) ko umugore agira umusatsi mugufi, nuko rero umusatsi we ugomba kuba muremure. Ibi kandi bivuze ko mu gihe hari aho uwo muco utubahirizwa, umugore w'munyadini afite uburenganzira bwo kugira umusatsi mugufi.

Pawulo asoza agira ati " umutwe w'umugabo wese ari Kristo, kandi ko umutwe w'umugore ari umugabo we, kandi umutwe wa Kristo ari Imana." (1 Abakorinto 11:3)

Ibidakwiriye gukorwa mu ifunguro ryera
(Igice cya cumi na rimwe)

Mu gice cya 11:23-34, Pawulo ntiyibukije abizera b'I Korinto iby'akamaro k'ifunguro ryera gusa. Yashimangiye kubyerekeye ugutegura umutima ugomba wemerewe kuyanjyaho kugirango bihindure uburyo abantu begera ameza y'Umwami. Pawulo yanditse ko uwizera agomba kwegera ifunguro ryera, amaze gusuzuma ubwe umutima we kugira ngo aryegere mu buryo bukwiriye. Kubera ko Pawulo yanditse ko kujya kur'iri funguro udakwiriye bifite ingaruka zikomeye, abenshi bumva ko badakwiriye iri funguro.Nta kintu na kimwe cyaba gikwiriye iri funguro. Ameza y'Umwami avuga ukuba we akwiriye. Ubusobanuro buzima n'ishyirwa mu ngiro yibi, nuko Pawulo aburira Abakorinto kutajya kuri aya meza "mu buryo budakwiye".

Igice cy'uru rwandiko kirimo ibyo kubakana
(1 Abakorinto 12-16)

Ibice bine bya nyuma ni ibice by'uru rwandiko birimo ibyo kubakana. Ibi bice bitanga igisubizo cya Paul gihumekeye, gihangana nibibazo byarondowe muri iki gice kirimo ibyo kugorora. Pawulo atangira iki gice agira ati, "Bene data, ibyerekeye impano z'Umwuka sinshaka ko mutabimenya." Ib'umwuka yavugaga aha byari: impano z'Umwuka; ubuzima mubiri bw'itorero; urukundo; imikorere y'Umwuka mu materaniro y'itorero; ibigaragaza ukuzuka; n'ubushumba bukiranuka.

Ibice 1-11 bisobanura uburyo Pawulo yahanganye nibibazo byose byo mu itorero ry'Abakorinto. Nubwo bari abizera ndetse batuwemo n'Umwuka wera, bari bagihitamo kwifatanya nibinezeza byinshi by'Isi ndetse no kugirirana amakimbirane. Mu bice bya 12-16, Pawulo yanditse igisubizo rusange cy'ibi bibazo byari biri mu itorero. Yatangiye avuga ati, "Bene data, ibyerekeye impano z'Umwuka sinshaka ko mutabimenya." (12:1)

Mu gice cya kabiri n'icya gatatu, Pawulo yagabanije umuryango muntu mu bice bitatu: umuntu kamere (utari uw'umwuka), numuntu mubiri. Umuntu kamere (utagira umwuka) ntagira Umwuka Wera. Umunyamwuka yakiriye kandi aturwamo n'Umwuka Wera. Umuntu mubiri yakiriye Umwuka Wera ariko ahitamo kugendera "mumubiri," ar'ibyo Pawulo yita, "Kamere muntu idafashwa n'Imana."

Dukurikije uburyo Pawulo yatondaguye urwandiko rwe, dushobora kurondora akaranga mwuka k'itorero ry'I Korinto. Pawulo yabandikiye nkuwandikiye "abera." Nyuma abita "abanyamubiri." Iyo ugeze mu gice cya cumin a kabiri, wumva Pawulo avuga, "sinshaka ko mutabimenya." Dushobora kwanzura ko abizera b'I Korinto bari abanyamwuka, ariko imyitwarire yabo ikaba inyamubiri kubera ko bari ubwoko butaramenya.

Impano z'Umwuka

Nkuko Pawulo avuga, ibisubizo by'umwuka ku bibazo byo mu itorero ryabo bitangirana nimirimo y'Umwuka Wera (Ibice 12-16). Umwuka wera atanga impano kubizera. Pawulo yashakaga kwigisha aba bizera ibyerekeranye nizo mpano kugira ngo basobanukirwe uburyo Umwuka Wera yashakaga gukorera muri bo ndetse no hagati yabo nk'itorero rya Kristo muzima, wazutse.

Urukundo

Ahasoza igice cya 12, Pawulo yarababwiye, "ariko nimwifuze cyane impano ziruta izindi. Nyamara dore ndabereka inzira irushaho kuba nziza." (31) Pawulo akomeza abahereza icyaje kumenyekana "nk'igice cya Bibiliya cyahariwe urukundo." (1 Abakorinto 13) Iki gice gihambaye gitumbera ku myitwarire yikirenga igaragaza akamero kurukundo (4-7). Iyo dusobanukiwe uru ruhurirane rw'imyitwarire yerekana urukundo nk'imbuto y'Umwuka Wera utuye mu mwizera, nibwo tumenya ikirenga cy'urukundo hejuru yizindi mpano zose z'Umwuka (Abagalatiya 5:22,23)

Urukundo nirwo "nzira nziza kurusha izindi" Umwuka Wera akoresha gukemura ibibazo bwite ndetse nibibazo rusange by'abizera. Pawulo yerekanye umwirondoro wurukundo kwereka Abakorinto uburyo bashobora gukemura ibibazo byo mw'itorero ryabo.

Mu nchamake no guhina ibitekerezo bya Pawulo biri mur'uru rwandiko: Pawulo arigisha ko Umwuka Wera akora umurimo wigitangaza mu mwizera kandi ikigaragaza icyo gitangaza n'urukundo. Hari undi murimo wigitangazaUmwuka Wera akora iyo aje ku muntu cyangwa iyo yimikiye uwizera gukora umurimo. Icyimenyetso cyangwa se igihamya cy'icyo gitangaza ni impano y'Umwuka Wera, ihesha uwizera ubushobozi bw'uwo murimo. Umurimo wigitangaza w'Umwuka Wera ntiwagaragar kubizera, uwo murimo utabanje kuba imbere mu bizera.

Ubuzima bw'umubiri

Mu gice cya cumi na kabiri, Pawulo agereranye itorero numubiri. Mu gice cya cumi na kane, Pawulo agaragaza imikorere igomba kuganza hagati yacu igihe Umwuka Wera aba akora ibitangaza bye muri twe imbere no kubuzima bwacu bwo hanze. Ikigice cyizwi "Nk'igice cy'indimi" kubera ko Pawulo atanga amabwiriza anoze kubyerekeranye n'impano y'indimi, mur'iki gice akoresha ijambo indimi inshuro cumi na zirindwi. Ariko kandi, umutwe nyirizina mur'iki gice ugaragazwa nikibazo Pawulo yabajije kubyerekeranye n'indimi: "Nuko bene Data, iyo muteranye bimera bite?" (1 Abakorinto 14:26) Pawulo akomeza asubiza icyo kibazo cye atubwira uko bigomba kumera igihe umubiri wa Kristo uteraniye hamwe. Mu nshuro zirenga mirongo ine mur'iki gice, Pawulo ashimangira ko abizera bagomba kubakana igihe bahuriye hamwe.

Umuziko mu ngiro (Igice cya 15)

Umuzuko usobanuye "Ubutsinzi hejuru y'urupfu". Ntibisobanuye gusa umuzuko ugaragara wa Kristo cyangwa se umuzuko w'umwizera wapfuye. Muri iki gice gihambaye cyerekeranye n'ibyumuzuko, Pawulo yigisha umuzuko ari imbaraga zikorera buri munsi mu buzima bw'umwizera. Icyiyongeye kuri ibyo, umuzuko wa Kristo niwo shingiro ryo kwizera kwacu, "kandi niba Kristo atazutse kwizera kwanyu ntikugira umumaro, ahubwo muracyari mu byaha byanyu" (15:17).

Umuzuko ni igice cy'ingenzi cy'ubutumwa bwiza. Mu gice cya 2, Pawulo yabwiye aba bizera ko, ighe yazaga I Korinto, yagambiriye kutagira ikindi abamenyesha keretse Yesu Kristo, ari we Yesu Kristo wabambwe. Asoza uru rwandiko mu buryo bumwe nkuko yarutangiye – yibutsa Abakorinto iby'ubutumwa yabwirije I Korinto. Ubwo butumwa ni ibimenyetso bibiri byerekeye Yesu Kristo: Urupfu rwa Yesu Kristo no kuzuka kwa Yesu Kristo. Imirongo ine ibanza mur'iki gice ni imvugo izirenze mu kwerura ubutumwa bwiza mu isezerano rishya. Igihe Pawulo yavugaga iby'ubutumwa bwiza, yabikurikije kwandika imirongo ibisobanura igera kuri mirongo itanu, kandi yose yari yerekeye: kumuzuko wa Yesu Kristo.

Ibyo Kurinda Mu Ngiro (Igice Cya 16)

Muri iki gice cya nyuma cy'uru rwandiko, Pawulo asangiza aba bakorinto ikintu cya gatatu cyerekeranye nibyumwuka. Aha, avuga ibyerekeranye no gukusanye, cyangwa se, uburyo bwa gikristo bwo kurinda ibyabikijwe. Pawulo yari aremerewe cyane niki kintu cyo gukusanya kubera ko yar'ari gusaba abizera babanyamahanga bari mu matorero yagiye ashinga, kwitamba no gutanga ituro ryo gufasha abizera b'Abayuda bari I Yerusalemu n'I Yudaya – abo bari babajwe n'inzara iturutse mu mapfa ndetse no kurenganwa. Mbega igitanganza cyiza cyo kumenya ko uwahoze ari Sawuli w' I Taruso, uwo wahoze arengenya abizera b'I Yudaya, ubu akaba ari umunyembabazi usabira ituro abizera babayuda yahoze ashira mu bihome abandi abica. Ibi bitubera akabarore mu isi yose, bitwereka uburyo mumubiri wa Kristo, ingingo zimwe zakunganira gukiza izindi ngingo, ibyo bikagerwaho mu gushira mu ngiro iri hame ry'ubwizerwa mu kurinda ibibikijwe.

Umushumba Pawulo

Pawulo yafataga umurimo wo gushumba amatorero yashinze nkibigize imibabaro ye. "Ariko ne kuvuga ibindi, keretse ko hariho ikindemerera iminsi yose: ni uguhagarika umutima amatorero yose." (2 Abakorinto 11:28) Kubwo kwita ku matorero, Pawulo yari yiteguye gushira mu kaga ibyo yari afite byose. Pawulo yari yiteguye kubabara no gupfa kubwo gukura mu bumenyi no gusobanukirwa iby'amayobera ya Kristo.

Nka zimwe mu ngaruka zumuhate wumurimo we ku matorero yashinze, byaduhesheje inzandiko nzinza za gishumba twagereranya namabuye yigiciro cyinshi, izo zandiko zitubwiriza uburyo tugomba kwita ku matorero yacu. Bitewe nuko amatorero yacu ahura na bimwe mu bibazo byinshi nkibyo itorero ryo mu gihe cya Pawulo ryahuye nabyo, kandi bitewe nuko Pawulo yahanganye nibyo bibazo mu nzandiko zihumekeye nk'inzandiko yandikiye Abakorinto, dushobora kwigira kur'izi zandiko uburyo twakwita ndetse nuburyo bwo kwitwara kuri abo Imana yaduhaye kwitaho.

Umusozo w'urwandiko rwa mbere Pawulo yandikiye ab'I Korinto

Igice cya 2
Mbese Kristo yacitsemo ibice?

Urwandiko rwambere rwab'I Korinto ni urwandiko ruhana cyangwa se rukosora aho umushumba ukomeye mubyo gutangiza amatorero, Pawulo, yacyahaga ibibazo byo mu itorero ry'I Korinto. Ikibazo cya mbere Pawulo yerekanye cyari icyo kwicamo ibice. Abizera bari baciyemo ibice

bigendeye kuwo bemeraga nkumuyobozi ukomeye mu itorero ryabo. Igipimo mfatizo bagenderagaho bemera abayobozi cyari gishingiye kuwabayoboye kuri Kristo cyangwa se uwababatije. Bamwe bagiraga bati, “Ndi uwa Pawulo,” naho abandi bati “Jyeweho ndi uwa Apolo, “Jyeweho ndi uwa Kefa,” cyangwa “jyeweho ndi uwa Kristo.” (1:12). Ariko Pawulo yahanganye niki kibazo cyo kwicamo ibice ababaza ikibazo fatizo ati: “Mbese Kristo yagabanyijwemo ibice?” (13)

Igihe Pawulo yabazaga niba Kristo yagabanyijwemo ibice, ibyo byaganishije neza ku muzi wikibazo cyateraga ukwicamo ibice mu itorero ryabakorinto. Mbere na mbere, kuko twizerera mu muzuko we, twizera kandi ko Yesu Kristo ari muzima kandi ko atura mu mitima yacu.

Niba Kristo atura mu mitima yabizera bose, nuko rero bagomba guhuriza hamwe ku bintu byibanze byerekeranye Kristo ndetse bagomba kumenya ko Kristo atagabanywamo ibice kuri ibyo bintu. Ni gute Kristo utuye muri twe abona cyangwa yumva irondaruhu? Ese niba Kristo atuye muri twe natwe turi muri we, ni gute tugomba kumva cyangwa kubona ibyirondaruhu, cyangwa ikindi kintu icyari cyo cyose?

Niba irondaruhu, ibihano byurupfu cyangwa ikindi kintu kigaragaye muri twe, kuko Kristo utuye muri twe abona ibyo byose muburyo bumwe, nuko kubyerekeye ibyo, iyo twiciyemo ibice biturutse kubyo tutumvikanyeho haruguru, ntabwo ibyo bice bituruka kuba Kristo nawe abyumva muburyo bwinshi.Kristo ntahinduka mu buryo abibona cyangwa abifata, ahubwo ikibazo cyo kwicamo ibice muri twe kiba hagati yacu nkabizera. Ikosa rigomba gushakirwa muri twe. Pawulo yandikiraga Abakorinto akosora iki kibazo cyo kwicamo ibice abereka ubutumwa bw’ingenzi ko batakurikiye abayobozi babantu ahubwo bakurikiye Kristo. Yandikiye abo bageragezaga kubogamisha umurimo we igihe yandikaga ibice bine bibanza mur’uru rwandiko.

Asoza iki gice yandika ko we (Pawulo) yateye imbuto, Apolo nawe arazuhira, ariko Imana niyo yazikujije. Nuko ababwira ko utera ntacyo abari cyo cyangwa uwuhira kuberako Imana niyo ikuza. Nuko rero, ntitugomba kwirata mu muntu ahubwo “uwirata, reka yirate mu mwami.”

Ntimugakuze umubatizo

Ahangana no kwicamo ibice, Pawulo yatangiye ubutumwa agira ati, “Kuko Kristo atantumye kubatiza, ahubwo yantumye

kubwiriza ubutumwa bwiza ariko ntavugisha ubwenge bw'amagambo, kugira ngo umusaraba wa Kristo udahinduka ubusa." (1:17) Aya magambo ya Pawulo ashiraho itandukaniro kubyo kwitaho cyane hagati yumumaro wumubatizo no kubwiriza ubutumwa bwiza.

Nubwo abizera bagikomeza kujya impaka zaho umubatizo uhurira nagakiza kacu, ubutumwa bwa Pawulo butwigisha ko umubatizo utadukiza. Iyo umubatizo uba udukiza, Pawulo aba yarabishize mugice cy'ubutumwa bwe bwiza aho kubifata nkikintu yahisemo kurorera. Yanditse ko iyo aza kuba yarabatije abizera benshi babakorinto, byari gushoboka ko abo yabatije bari kumukurikira mu cyimbo cya Kristo.

Ntimugakuze ubwenge bw'Isi

Pawulo yarabajije, "mbese none umunyabwenge ari he? Umwanditsi ari he? Umunyampaka wo muri iki gihe ari he? Ubwenge bw'iyi si Imana ntiyabuhinduye ubupfu?... Ahubwo Imana yatoranije abaswa bo mu isi ngo ikoze isoni abanyabwenge, kandi yatoranije ibinyantege nke byo mu isi ngo ikoze isoni ibikomeye." (1:20,27)

Abaturage b'I Korinto bari bazwi kubw'Impaka sesengura zabo, no kuba bita cyane kubitekerezo bigezweho nibyubwenge kimuntu. Aba bagabo binyaryenge kandi bubushobozi, bibonaga nkabari hejuru yabo yabo batagiraga ubutyoza cyangwa izindi mpano zubwenge muntu.

Ariko Pawulo yazanye ubundi butumwa I Korinto. Yigishije abizera b'I Korinto ko abanyabwenge biyi si ataribo banyabwenge mu maso y'Imana. Ahubwo, Imana ikoresha abo bafatwa nkabaswa gukoza isoni abanyabwenge, kugirango icyubahiro cyayo kigaragare. Nubwo ibi bitavuzeko bidashobokera abanyabwenge kumenya Imana, cyangwa se bivuge ko abaswa bonyine aribo bayimenya, ahubwo ibi bisobanuye ko ukwirata kwacu kutagomba kuba muri twe ahubwo kugomba kuba mu Imana: "Niyo Ibaha kuba muri Kristo Yesu waduhindukiye ubwenge buva ku Mana, no gukiranuka no kwezwa no gucungurwa, kugira ngo bibe nk'uko bynditswe ngo "Uwirata yirate Uwiteka" (1:30,31)

Ntimugakuze umukozi w'Imana

Uko yakomezaga ubutumwa bwe, Pawulo yerekanye ko Umwuka Wera wenyine ari we utanga ubugingo bwo kuvuka mu mwuka: "Ni cyo gituma bene Data, ubwo nazaga iwanyu

ntaje ndi umuhanga n'intyoza yo kuvuga, cyangwa mfite ubwenge buhebuje mbabwira ibihamya by'Imana, kuko nagambiriye kutagira ikindi mbamenyesha keretse Yesu Kristo, ari we Yesu Kristo wabambwe. Nabanaga namwe mfite intege nke, ntinya mpinda umushyitsi mwinshi, n'ibyo navugaga nkabwiriza ntibyari amagambo y'ubwenge yo kwemeza abantu, ahubwo byari ibigaragaza Umwuka n'imbaraga, kugira ngo kwizera kwanyu kudahagarikira ku bwenge bw'abantu, ahubwo mu mbaraga z'Imana." (2:1-5)

Imana ikoresha abantu gutangaza ubutumwa bwayo bwagakiza, ariko ikoresha imbaraga z'Umwuka Wera kuzana impinduka muri abo bumva ubutumwa bwiza. Impinduka yo mu mwuka ntabwo ituruka mu buhanda bwabantu ahubwo ituruka mu mbaraga z'Umwuka Wera zigendera mur'abo bumva ubutumwa bwiza. Kuko Pawulo yavuganaga nabakorinto bamweraga ndetse bemeraga ubuyobozi bwe, aha yeruraga, ababurira kutiratira mu mpano cyangwa se ubushobozi bwabo. Ubwo Pawulo yandikiraga Abakorinto ibi bice bine bibanza, yari arimo kubayoborera mu kwirata mu mbaraga z'Umwuka wera zabakijije ubwo bumvaga Pawulo abwiriza ubutumwa bwiza mujyi w'I Korinto.

Mukuze Umwuka Wera nk'umwigisha wanyu

Iyo dusoma igitabo, tuba twiga dukoresheje amaso yacu, iyo twumva inyigisho, tuba twiga dukoresheje amatwi yacu. Iyo tubikoresheje hamwe, twiga birushijeho kuko twungukira mubyo twiga tureba kandi twumva. Dushobora nanone kwiga binyuze mu marangamutima yacu, ndetse nubushake bwacu, cyangwa se icyo Pawulo yise imitima yacu. Ariko, Pawulo yigishije Abakorinto ko uburyo bwonyine bashobora kumenya ubwenge bw'umwuka ari guca mu Mwuka Wera: "Ariko nk'uko byanditswe ngo "Ibyo ijisho ritigeze kureba, N'ibyo ugutwi kutigeze kumva, Ibitegeze kwinjira mu mutima w'umuntu, Ibyo byose Imana yabyiteguriye abayikunda." Ariko Imana yabiduhishurishije Umwuka wayo, kuko Umwuka arondora byose ndetse n'amayobera y'Imana." (2:9-10)

Aha, Pawulo yigishije ko Umwuka w'Imana wenyine ariwe wigisha umuntu ibintu by'umwuka. Umuntu ntashobora gusa kumenya ukuri k'umwuka binyuze mu maso ye, irembo ry'amatwi cyangwa se binyuze mu rembo ry'umutima. Nkuko Pawulo agira, umuntu agomba ukuri kw'iby'umwuka binyuze mu irembo ry'Umwuka Wera.

Umuntu w'umwuka aba yarakiriye Umwuka w'Imana, kandi Umwuka wayo umuhesha ububasha bwo kumenya no gusobanukirwa umutima w'Imana. Asobanura ibi, Pawulo akoresha urugero rusembura kumenya ubwo yagiraga ati: "mbese ni nde wamenya ibyo undi atekereza, keretse umwuka wa wa wundi umurimo? N'iby'Imana ni ko biri, nta wabimenya keretse Umwuka wayo. Ariko twebweho ntitwahawe ku mwuka w'iyi se, ahubwo twahawe uwo Mwuka uva ku Mana kugira ngo tumenye ibyo Imana yaduhereye Ubuntu." (11-12)

Ikiremwa rukumbi kimenya ibyo umuntu atekereza ni Umwuka wuwo muntu. Ni mur'ubwo buryo, umwuka rukumbi umenya ibyo Imana itekereza ar'Umwuka w'Imana. Kuko twahawe Umwuka w'Imana, tubasha kumenya ibitekerezo rukumbi by'Imana.

Kurundi ruhande, umuntu utari umunyamwuka ntashobora gusobanukirwa iby'Umwuka: "Ariko umutnu wa kamere ntiyemera iby'Umwuka w'Imana kuko ari ubupfu kuri we, akaba atabasha kubimenya kuko bisobanurwa mu buryo bw'Umwuka." (14) Nkuko Pawulo avuga, Umuntu udafite Umwuka w'Imana ntashobora gusobanukirwa ibintu by'Umwuka.

Mukuze Imana nk'umuyobozi wanyu

Mu gice cya 3, Pawulo yabwiye Abakorinto ko bitwaraga nkabatari abanyamwuka. Nubwo yabafataga nk'abizera bejejwe ubwo yatangiraga urwandiko rwe, yongeye kandi kubona ko bari kure yahoo bagombaga kuba bari, abita "impinja muri Kristo" ndetse "abanyamubiro." (1,3) Ukwicamo ibice kwabo kwerekanaga ko koko ari abanyamubiri, cyangwa se bifataga mu buryo butari ubw'ubwumuka. "Ubwo muri mwe harimo ishyari n'amahane, mbese ntimubaye aba kamere koko ntimugenza nk'abantu? (3) Uburyo biciyemo ibice bagendeye kubayobozi babo byerekanaga ko bari bakiri bato mu mwuka ndetse nuburyo bafataga abayobozi babo bwari uburyo gito.

Aho kugira ngo bicemo ibice bigendeye kubushobozi bwabayobozi babo, bari bakenye kumenya uruhare Imana igira nkumutwe wumubiri wabo: "Mbese ye, Apolo ni iki? Kandi Pawulo ni iki? Si abagaragu batumye mwizera nk'uko Imana yabahaye umurimo? Ni jye wateye imbuto Apolo na we arazuhira, ariko Imana niyo yazikujije. Nuko utera nta cyo aba ari cyo cyangwa uwuhira, keretse Imana ikuza."(5-7) Nanone,

ubutumwa bwa Pawulo bwari ko bakurikira Imana, atari abantu, yashoje iki gice agira ati, “ntihakagire umuntu wirata abantu.”(21) Ntimukiratire mu bantu kandi ntimugakurikire abantu. Mwirate Imana kandi abe ari yo mukurikira, kuko ari we watoranije abanyantege nke ndetse nabapfapfa mur’iyi si gukoza isoni abanyabwenge.

Igice cya 3
Urukundo Rucyaha

Ubwo Pawulo yabwiraga Abakorinto kuticamo ibice kubw’abayobozi babo, yabifanije ninyigisho yerekeranye nurubanza: “Ni cyo gituma kuri jye bitagira icyo bintwara rwose gucirwa urubanza namwe cyangwa n’abanyarukiko b’abantu, kuko ndetse najye ubuwanjye nticira urubanza kuko ari nta cyo niyiziho. Nyamara si icyo kintsindishiriza, ahubwo Umwami ni we uncira urubanza. Ni cyo gituma mudakwiriye guca urubanza rw’ikintu cyose igihe cyarwo kitarasohora, kugeza ubwo Umwami wacu azaza agatangaza ibyari byahishwe mu mwijima, kandi akagaragaza n’imigambi yo mu mitima. Ubwo ni bwo umuntu wese azahabwa n’Imana ishimwe rimukwiriye.” (4:3-5)

Ibyo Gucira Urubanza Umutima Wa Muntu

Abenshi mu bakorinto baciraga Pawulo urubanza ryiza kurusha abandi bayobozi bo mu itorero ryabo. Ariko Pawulo yababwiye ko urubanza rwabo rwiza rwari ruvuze bicye kuri we kuko nawe ubwe yumvaga adakwiriye kwicira urubanza, kubwibyo ntiyashoboraga kwemera urubanza bamuciraga. Nawe ubwe yumvaga adashoboye kugenzura ibigendererwa byari bihishe mu ndiba yumutima we, ukwo kudashobora yabonaga ko agusangiye nabantu benshi. Bitewe nuko umutima wumuntu wimitsemo byinshi kurusha ubumenyi bwe, Pawulo yigishije ko kubyerekeye no kugenzura umutima wumuntu bigomba guharirwa Imana.

Ibyo Gucira Imanza Ibikorwa Bya Muntu

Bitewe nuko tutazi ikigendererwa by’imitima yacu, ni gute twashobora kumenya ikigendererwa cyo mu mutima w’undi muntu? Ubwo Pawulo yatubwirizaga kudacira urubanza ikigendererwa cy’imitima yabandi, ibyo ntibikuyeho ko tugomba gucira abandi imanza. Ibyo yabwirizaga bikoreshwa gusa iyo dushatse kucira urubanza rw’ikigendererwa cy’umutima wundi muntu.

Mu gice gikurikira cy’uru rwandiko (Igice cya 5), Pawulo yacyashye abo bantu kandi kubwo kudacira urubanza uwo

bagombaga kurucira – umugabo wabanaga numugore wa se mumubano wubusambanyi. Pawulo yacyashye aba banorinto kuko bataciriye uwo mugabo urubanza. Uku niko Pawulo yabigarageje: “Nabandikiye muri rwa rwandiko ko mutifatanya n’abasambanyi. Ariko sinavuze yuko mudaterana rwose nabasambanyi bo mu b’iy’isi, cyangwa abifuza ibibi cyangwa abanyazi cyangwa abasenga ibishushanyo, kuko iyo biba bityo mwari mukwiriye kuva mu isi. Ahubwo none nabandikiye ko mutifatanya n’uwitwa mwene Data, niba ari umusambanyi cyangwa uwifuza ibibi, cyangwa usenga ibishushanyo cyangwa utukana, cyangw umusinzi cyangwa umunyazi, umeze atyo ntimugasangire na we. Mbese mpuriye no gucira abo hanze urubanza? Namwe abo mucira urubanza si abo muri mwe? Ariko abo hanze Imana ni yo izabacira ho iteka. Mukure uwo munyabyaha muri mwe.” (5:9-13)

Mur’uru mwandiko, twiga ko ibyo guca urubanza byakoreshwa ab’imbere nabo hanze y’itorero. Ntitugomba gucira urubanza abo hanze cyangwa se twitandukanye nabo tugendeye kubw’ibikorwa byabo byibyaha. Tubaye abo kwitandukanya nabo rwose, ntitwashobora kubasangiza ubutumwa bwiza. Ahubwo, ibyo gucira Imanza abatizera tugomba kubiharira Imana naho twe tugakomeza kubasangiza Ubuntu Kristo atanga. Ariko kubyerekeye abo b’imbere mu itorero, abo bavuga ko Umwuka Wera atuye muri bo kubigisha no kuyobora intambwe zabo, tugomba kubacyaha niba ibikorwa byabo bidahura nibyo bavuga ko bizera. Ariko, kubyerekeye wa mugambo wumusambanyi wari mu itorero, Pawulo yafashe abizera b’I Korinto nkabatita ku bintu kubwo kudafata icyemezo cyo gucira urubanza uyu mugabo.

Ibyo Kumenya Igihe Cyo Gucyaha

Mu bigaragara, ibyanditswe ntibitwigisha ko tutakwigera ducirana imanza. Abizera benshi bakunda gukoresha amagambo ya Yesu iyo tubacyahanye umutima ukunze. Bagira bati, “Yesu yaravuze, ‘Ntugace Imanza.”’ Ayo ni amagambo abiri agize interuro Yesu yavuze kubyerekeye no gucira abandi imanza. Mubyukuri, Yesu yavuze byinshi kubyerekeye no kucira abandi imanza igihe yaramaze kuvuga ati “ntugace Imanza.” Yesu yigishije ko tutagomba guca Imanza zibikorwa byabandi tutabanje kugenzura ibikorwa byacu. (Matayo 7:1-5) ariko mugihe twamaze kwigenzura, ni inshingano zumunyamuryango wumuryango w’Imana gucyaha abo bigirira nabi cyangwa se bari kugirira nabi abandi bo mu mubiri wa Kristo. (Matayo 18:15, Abagalatiya 6:1)

Igihe Pawulo yakanguriga cyane abizera b'I Korinto gucyaha umugabo wabaga mu cyaha, yagaragaje ko hakenewe kubaho ugucyaha ariko gufite imbibe kugarukiraho. Iya mbere, uwo mugabo yari agikomeje kuba mu cyaha. Nticyari icyaha yari yakoze inshuro imwe maze ngo ahite acyihana. Ahubwo yakomezaga kugora icyo cyaha kandi ntiyerekane icyimenyetso cyo kukivamo. Nubwo nta cyaha kirenze imbabazi z'Imana, Imana ntizababarira umuntu wanga kwemera icyaha cye ngo acyihane. Bitewe nuko uyu mugabo aterekanaga icyimenyetso cyo kwihana cyangwa se ubushake bwo guhinduka, Pawulo yabagiriye inama yo kumushira mu kato, hanze yumubiri wa Kristo, iyi niyo ngingo ya kabiri Pawulo yahereyeho avuga mu gice cya gatanu cyurwandiko rwe. Uwizera udashaka kwihana icyaha cye agumba gukurwa wese mu mubiri wabizera.

Ibyo Kugira Ikigendererwa Cy'ukuri

Impamvu yo gucyaha ituruka murukundo. Ducyaha bene Data bari kuba mu cyaha kubera ko tubakunda cyane kuburyo tutakwicara turorereye ngo dukomeze kubarebera bakomeza kugirira nabi umubano wabo na Kristo, ndetse bigirira nabi hamwe nabandi mur rusange. Ndetse intego yacu mu gucyaha ni kubona uwo mwene Data aguruwe mu muryango wa Kristo, nkuko Matayo 18 n'Abagalatiya 6 higisha. Tubagaruza "umwuka w'ubugwaneza" (Abagalatiya 6:1), kandi Imana ibagarura "Ibaybora mu nzira yo gukiranuka kubw'izina rye." (Zaburi 23:3)

Gucyaha undi mwene Data mu mwami kubera ibikorwa byerekana ko bari kuba mu cyaha, birakomeye ari n'ingenzi. Uburyo bwacu bwo kubagarura mu busabane n'Umwami ndetse numubiri wa Kristo, ubwo buryo bwo kubagarura bugomba kubafasha kumenya ubukana bubi ibikorwa byabo bifite kubuzima bwabo bwite ndetse nubukana bifite kubo bafitanye isano bose. Ibi biba ukuri cyane iyo icyo cyaha ari icyo guca inyuma uwo mwashakanye.

Na none, Icyaha mu buzima bwumwizera kibangamira ubuhamya bwe kubatizera ndetse kikanabangamira ubuhamya bwacu kubandi batizera. Abatizera benshi batekereza ko Abakristo ari indyarya. Iyo babonye umwizera ubayeho mu cyaha, bazita uwo mwizera indyarya kandi ibyo bizabongera impamvu yo kwanga ubutumwa bwiza nagakiza. Iyo batubonye dusabana nuwo mwizera bakabona ntacyemezo dufatira icyo cyaha, natwe batazadufata nk'indyarya.

Kubwineza y'umwuka wa mwene Data mumubiri wa Kristo no kubwubuhamya bwa buri wizera wo mw'itorero ryacu, ni ingezi ko ducyaha uwo mwene Data mu rukundo no muguca bugufi, ariko ibyo tukabikora dushize imbere kubagarura muri Kristo no mumubiri wa Kristo.

Igice Cya 4

Agatabo kiby'Ishyingirwa (1 Abakorinto 7)

Igice cya Karindwi cy'Abakorinto ba mbere cyaje kumenyekana "Nkigice cy'iby'ishyingirwa." Kavuga ku bibazo bimwe abitorero ry'I Korinto bashyize imbere ya Pawulo mu rwandiko bamwandikiye rwekeye n'ibyishingirwa, ibyo kuba ingaragu, ibyo gatanya, ndetse niby'imibanire mu rushako. Kumara ibinyejana byinshi, iyo abitorero basangaga abashumba babo nibibazo byerekeye nurushako, iki gice cya karindwi cyabaye imfashanyigisho zabo bashumba.

Ikibazo fatizo kitaweho mur'iki gice ni. "Urushako niki mu maso y'Imana?" Ibi bibazo byose bivugwaho mu gice cya karindwi cya 1 Abakorinto, aho tumenya umugambi w'Imana kurushako ndetse na byinshi mu bibazo byagaragara mu mibanire yabashakanye.

Bamwe baburana ko bimwe mu bice by'iki gice Atari ibyahumekewe numwuka kubera ko rimwe na rimwe Pawulo yavugiraga mu butware bw'Umwami ndetse ahandi rimwe na rimwe agatanga ibitekerezo bye kuri byo bibazo. Urugero, Pawulo yashimangiye ko inyigisho ze zaturutse ku Mwami gihe yababwiye ko, "abamaze kurongorana ndabategeka, nyamara si jye ahubwo ni Umwami wacu, umugore ye kwahukana n'umugabo we" (10). Ariko kandi ahandi mu rwandiko rwe, yagaragazaga ko amabwiriza ye ataturutse ku Mwami ahubwo byari ibyo yibwiraga: "Ariko abamdi bo ni jye ubabwira si Umwami wacu. Mwene Data niba afite umugore utizera, kandi uwo mugore agakunda kugumana na we ye kumusenda", "ibyerekeye abari simfite itegeko ry'Umwami wacu, ariko ndababwira ibyo nibwira ndi umuntu wababariwe n'Umwami ngo nkiranuke. Nuko ndibwira yuko ari byiza ku bw'iki gihe kirushya kiriho none, ko umuntu aguma uko ari", "Ariko naguma uko ari ni ho azarushaho guhirwa, uko ni ko nibwira ku bwanjye kandi ngira ngo najye mfite Umwuka w'Imana." (12, 25, 40).

Tutitaye ku "Ukwibwira kwa muntu" Pawulo yatanze mur'iyi mirongo, ntibyatubuza gufata amagambo ye nkamagambo atarahumekewe aturutse k'Umwami. Mur'iki gice, Pawulo

yitondeye kukubakira kunyigisho za Kristo. Aho yabona gusubiza ibi bibazo bisaba inyigisho za Yesu n'itegeko ry'Imana, muri make Pawulo yasubiragamo akanashimangira ibyo Umwami yigishije. Ariko aho yasangaga Yesu cyangwa Itegeko bitafite icyo bivugaho, yahavugaga nkumuntu "wababariwe n'Umwami ngo akiranuke." Ijambo rye ryanyuma muri iki gice cy'iby'ishyingirwa nuko "yari afite Umwaka w'Imana." (25, 40)

Nta buryo na bumwe Pawulo yavugaga ko ibyo yibwiraga mur'iki gice cy'iby'ishingirwa byari ibidahumekeye. Mu magambo ya nyuma mur'iki gice, ashimangira ko ibyo yandikiye Abakorinto kubyerekeye ishyingirwa, byari bihumekewe numwuka w'Imana.

"Ku Bw'iki Gihe Kirushya Kiriho None…"

Mur'iki gice cyose, Pawulo yashimangiye inama yuko Abakorinto batagomba gushaka cyangwa se bafuze irangamimerere ritandukanye niryo bari babayemo igihe bahamagarirwaga gukurikira Kristo. Yababwirije mur'ubwo buryo bitewe nicyo yise "iby'iki gihe kiruhije kiriho none" (26). Itorero rya ribayeho mu gihe cyo kubabazwa, noneho, kubera iyo mpamvu, Pawulo yibwiye ko byaba byiza ingaragu zaguma uko ziri aho kugira ngo ziyongerere umubare wibibazo zihura nabyo buri munsi.

Urebye, mu rwandiko rwabo bandikiye Pawulo, bamubajije niba abana babo b'ingaragu bashaka mur'ibyo bihe bikomeye. Pawulo ababwira neza ko bayab ari iby'ubwenge abakobwa babo bamasugi nabahungu babo b'ingaragu bagumye uko bari. Ntabwo abuza aba bato gushaka, ahubwo abagira inama yo kuguma ari' ingaragu. Kubw'izi mpamvu, atangira iki gice ababwira, "ibyiza ni uko umugabo adakora ku mugore." (1) Niba aba bato barahisemo kuguma ari ingaragu, yashakaga ko birinda ibigeragezo.

Nubwo Pawulo yabwirizaga izo ngaragu kuguma uko ziri, yanemeraga kandi ko guhitamo gushaka bitari icyaha: "Ariko niba badashobora kwirinda barongorane, kuko ibyiza ari ukurongorana kuruta gushyuha", "Icyakora warongora nta cyaha waba ukoze. N'umwari yashyingirwa nta cyaha yaba akoze. Ariko abameze batyo bazagira imibabaro mu mubiri, ku bwanjye nakunda kuyibakiza", "Niba hari umuntu ararikira umwari, akumva ko iryo rari rizamutera kumugirira ibidakwiye amurongore, kuko ari nta cyaha aba akoze." (9, 28, 36)

Hariho impuha zavugwaga ko Pawulo yigeze gushakaho, kuko yari umwe mugize akanama nyobozi kabisirayeli, yargombaga kuba afite umugore. Dukomeje kandi, igice cyaho yabwiraga abatararongorana kandi n'abapfakazi, yababwiye yuko icyiza kuri bo ari uko bagumya kumera nkawe (8). Impuguke nyinshi zisosa zivuga ko yari apfakaye.

"Ntimukimake…"

Imibonano hagati y'umugabo n'umugore ugamije kurema ndetse no kubanezeza bombi. Pawulo yashyigikiye iki gitekerezo yandika ati: "Umugabo ahe umugore we ibimukwiye kandi n'umugore na we abigenze atyo ku mugabo we, kuko umugore adatwara umubiri we ahubwo utwarwa n'umugabo we, kandi n'umugabo na we adatwara umubiri we ahubwo utwarwa n'umugore we. Ntimukimane keretse ahari musezeranye igihe, kugira ngo mubone uburyo bwo gusenga, kandi mwongere guhura Satani atabageragaresha iruba ry'imibiri yanyu." (3-5)

Imirongo micye mbere y'uyu mwandiko, Pawulo avugana n'ingaragu agira ati, "ibyiza ni uko umugabo adakora ku mugore." (1), ariko ibi siko biri hagati yabashakanye. Ukurikije uyu mwandiko, imibonano igomba kureba abandi kandi igamije kubanezeza. Umugabo agomba gushakisha kunezeza umugore we, ndetse n'umugore agomba gushakisha kunezeza umugabo we, ntibagomba kwimana imibonano.

Iby'imibonano yabashakanye ntibirebwa n'ibyiza cyangwa n'ibibi cyangwa se ibikwiriye n'ibidakwiriye. Ijambo rikuru mur'ibi ni "ibyemeranijwe." Ibyo abashakanye bakora byose hagati yabo bigamije kubanezeza ntibirebwa n'ikibi cyangwa se ikibi? Pawulo yavuze ko impamvu rukumbi umugabo n'umugore bakwifata mu mibonano yabo ari iyo gufata ibihe byo gusenga no kwiyiriza ubusa, kandi icyo cyemezo kigomba kuba cyumvikanyweho hagati yabo.

Ibi ntibitwereka gusa ibyo kugenderaho mu kwifata mu mibonano, ahubwo binatwereka ubwoko bw'isano y'umwuka umugabo n'umugore basangiye. Nubwo bashakana bakagira ubumwe bw'umubiri imbere y'Imana, buri wese aba afite umubano wihariye kandi utandukanye nuwundi ku Mana.

Uyu mwandiko kandi utwigisha ko uburyo bwiza bwo kwirinda ubusambanyi ari ko abo bombi bagomba guhazwa nimibonano yo murushako rwabo. Umujyi w'I Korinto wari wuzuye ubusambanyi, nuko Pawulo yifuzaga ko abashakanye bahaza irari ry'imibonano hagati yabo kugira ngo bafashanye

kwirinda ibigeragezo. Imibonano ikomeye, kandi inejeje ni ingabo ikomeye yo kwirinda ikigeragezo cy'ubusambanyi mubashakanye.

"Imana Yaduhamagariye Amahoro…"

Uretse ibyo kuba ingaragu n'imibano yabashakanye, iki gice kivuga ndetse kubrekeye no gusenda. Nkibisanzwe, mu rwandiko rwabo, Abakorinto babajije Pawulo niba abizera babiri bemerewe kurangiza urushako bagasendana. Mu murongo wa 10 na 11 Pawulo asubiza ikibazo cyabo. Muri make, Pawulo yasubirishije ikibazo cyabo ijambo rimwe: igisubizo cye cyari "Oya!" Yerekeje abakorinto ku nyigisho za Kristo zerekeye kubudaseswa bw'urushako, ibi Yesu yabyeretse abafarisayo, kandi iyo nyigisho yaberetse yari ishyigikiwe n'amategeko (Matayo 19:3-9).

Ariko, mu mirongo ya 12-16, Pawulo yasubije ikibazo kitabajijwe Yesu akiriho: Ese gusendana biremewe hagati y'uwizera n'utizera? Inama ihumekewe n'Umwka Pawulo yatanze kubyerekey' ibyo yari inama itabogamye: "Mwene Data niba afite umugore utizera, kandi uwo mugore agakunda kugumana na we ye kumusenda. Kandi umugore ufite umugabo utizera na we agakunda kumugumana na we, ye kwahukana n'umugabo we… Icyakora wa wundi utizera, niba ashaka gutana atane. Mwene Data w'umugabo cyangwa w'umugore ntaba agihambiriwe iyo bimeze bityo, kuko Imana yaduhamagariye amahoro. Wa mugore we, ubwirwa n'iki yuko utazakiza umugabo wawe? Nawe wamugabo we, ubwirwa n'iki yuko utazakiza umugore wawe? (12-12, 15-16)

Pawulo yabwiye Abakorinto ko uwo mugabo wizera agomba kugumana n'umugore utizera kugira ngo abe urugero rw'urukundo rw'Imana n'ubuntu bwayo kuri bo kugira ngo babe bakizwa (wareba kandi 1 Petero 3:1-6). Niba urushako rugiye guseswa, utizera mur'abo bashakanye agomba kuba ari we ufata icyo cyemezo. Kandi igihe uwo washakanye utizera ahisemo kugenda, uwizera yamureka akagenda. Mugihe ibyo bibaye, mwene Data w'umugabo cyangwa se mwene Data w'umugore "ntaba agihambiriwe iyo bimeze bityo." (1 Abakorinto 7:15)

Ubusobanuro bweruye kuby'urukundo

Impuguke ntizemeranya kucyo Pawulo yasobanuraga igihe yagiraga ati "agihambiriwe" ku murongo wa 15. Impuguke zimwe zizera ko bisobanuye ko muri abo babiri - uwizera yemerewe guhabwa gatanya ariko akaba atashaka igihe uwo

utizera yavuye murushako, bitewe nuko ibyanditswe bibuza ibyo kongera gushaka igihe uwo mwashakanye bwa mbere akiri muzima (Abaroma 7:2-3) Abandi bizera ko bivuze ko bashobora gutandukana bakongera gushaka nanone, kubera ko umurongo uvuga ko uwo washakanye aba atagihambiriwe kandi ntihagire ibindi bisobanuro bitangwa.

Nubwo impuguke zitemeranya kubusobanuro bw'uyu murongo, tugomba gusobanura uyu murungo mu mwuka w'urukundo. Nkuko Pawulo agira, Imana yahaye umuntu amategeko kubera ko yifuzaga ko umuntu abaho neza, Atari ko yifuzaga ko umuntu abaho ahambiriwe. "Ibyo mbivugiye kubafasha si ukubatega ikigoyi…" (1 Abakorinto 7:35)

Ukutumvikana hagati ya Yesu n'abafarisayo ashobora kugaragazwa mur'ubu buryo: mbere yuko Yesu akoresha itegeko ry'Imana kubuzima bw'Imana, yacishaga itegeko ry'Imana mu nzira y'urukundo rw'Imana. Nta mbabazi, Abafarisayo bo "batereraga abantu igitabo." Nuko rero, tugomba kunyuza inyigisho z'amategeko y'Imana mu mboni y'urukundo rw'Imana mbere yuko tugenza itegeko ry'Imana mu buzima bwa'abantu.

Urugero, dushobora kwibaza niba umuntu wagize gatanya mbere yuko aba umwizera agomba kwemererwa kongera gushaka, bitewe nuko ibyanditswe byigisha ko ufite gatanya atagomba kongera kurongora keretse uwo bashakanye mbere abanje gupfa. Tubabwiye ikintu nkicyo, twaba twitwara nk'Abafarisayo, bakoreshaka itegeko ryari rigamije kwerekana urukundo rw'Imana kubw'ineza y'umuntu, ariko bo muburyo bwamategeko namabwiriza bakabikoresha kugora no kunaniza ubuzima bw'abantu. Abafarisayo bakoze nk'ibi bitwaje I Sabato ubwo bacyahaga Yesu kuba yakijije umuntu kumunsu w'I Sabato bakumva ko byari kuba byiza iyo arorera ntagire icyo akora. Igihe Yesu we yanyujujije itegeko ry'I Sabato mu mboni y'urukundo rw'Imana, yacyashye Abafarisayo agira ati, "Isabato yabayeho kubwo gufasha abantu, abantu si bo babayeho ku bw'isabato." (Mariko 2:27)

Nuko rero, kuki Imana yashyizehho amategeko y'ishyingirwa? Kuberako Imana yashakaga ko umugabo n'umugore bishimira imigisha y'urushako n'umuryango. Imana kandi yashakaga ko tugira imiterere nuburyo urushako rugomba gukora. Ariko akenshi dukoresha amategeko y'ishyingirwa mu kubuza abantu kugera kumwuzuro w'ubuzima Imana yagambiriye igihe yaduhaga ayo mategeko y'ishyingirwa. Nkuko Pawulo yavuze,

“Inyuguti irica, naho Umwuka uhesha ubugingo” (2 Abakorinto 3:6)

Niba ufite ubusobanuro bw’isezerano rishya ricagagura iki gice cya Karindwi muduce duto twibika, ufashe umwanya ukiga buri gika, byagufasha kumenya ubwoko bw’ibibazo Abakorinto Abakorinto babajije Pawulo mu rwandiko bamwandikiye ndetse ukanamenya igisubizo Pawulo yabasubije muri buri gika. Dushobora kwibwira ko Abakorinto babajije ibibazo byerekeye no gusenda ndetse no kongera kurongora kw’abizera babiri; urushako ruvanze rwaho mwene Data w’umugabo cyangwa se mwene Data w’umugore wahindutse umwizera ariko uwo bashakanye akaba atarahinduka umwizera, wawundi wahindutse umwizera akisanga yubatse n’utizera. Ikindi kibazo cyari niba abana babo b’ingaragu bashobora kurongora mur’ibyo bihe bwo kubabazwa.

Abakorinto rero babajije icyo umwizera mushya agomba gukora, nyuma yo kuba yarashakanye inshuro nyinshi mbere yuko akizwa, none ubu akaba afite abo yigeze gushakana nabo benshi mu nshako ze zahise. Twavuga ko Abakorinto babajijeho Pawulo ibibazo nk’ibyo kubera igika kimwe kiri muri’iki gice (17-24). Mu ncamake, uku niko twavuga igisubizo cya Pawulo: Ntitugomba gushaka uburyo bwo kugarura amateka yakashize y’umwizera, nko kubabwira gushaka uwo batandukanye mu myaka y’ubuto bwabo cyangwa se gusenda uwari we wese waba ari ’umugabo we none. Inshuro eshatu mur’iki gika Pawulo yigishejie ko: “Ariko umuntu wese agenze nk’uko Umwami wacu yabimugeneye, kandi amere uko yari Imana ikimuhamagara… umuntu wese agume uko yari ari agihamagarwa.” (17, 20, 24)

Pawulo akoresha ijambo “guhamagarwa,” inshuro nyinshi mur’uru rwandiko. Iyo yarikoreshaga, yabaga avuga uburyo abo yandikiraga babayemo mu gakiza. Iyo umugabo cyangwa umugore atunze agakiza, bagomba gusaba Imana guhesha umugisha urushako barimo. Igihe bubatse n’utizera, bagomba kwiyibutsa inyigisho za Pawulo mu gice cya 7:12-16; mugihe bari ingaragu, bagomba gusaba Imana niba ibahamagarira kuguma nk’ingaragu cyangwa se niba bagomba gushaka.

Ingararagu: ugukorera Umwami nta kirogoya

Nyuma ya byose, asoza iki gice, Pawulo yatondaguye umumaro wo kuba ingaragu: “ariko ndashaka kubabwira ko mutiganyira. Ingaragu yiganyira iby’Umwami wacu uko

yamunezeza, ariko uwarongoye yiganyira iby'isi ngo abone uko anezeza umugore we. Kandi hariho itandukaniro ry'umugore n'umwari. Utarongowe yiganyira iby'Umwami kugira ngo abe uwera ku mubiri no ku mutima, ariko uwarongowe yiganyira iby'iyi si, ngo abone uko anezeza umugabo we. Ibyo mbivugiye kubafasha si ukubatega ikigoyi, ahubwo mbivugiye kugira ngo mukorere Umwami mwitonda, mudahwema kandi mudafite kirogoya." (32-35)

Pawulo yigishije ko uburyo bwo gukorera Imana nta kirogoya ari kuguma utarongowe kugeza aho uba ingaragu. Ibi ntaho bihurira na byabindi yise "iby'iki gihe birushya bya none" yigeze kuvugaho mur'iki gice, ahubwo ibi yabivuze kugira ngo imitima yabo yite ku Mwami nta kirogoya. Kugira ngo ibyo umuntu abigereho, biba byiza ko atarongora, nubwo iyo umuntu ahisemo kurongora bitamugira gito ku muntu wahisemo kutarongora. Muri macye, umwari warongowe azahaura nimbogamizi yo gushaka kunezeza umugabo we ndetse n'Umwami. Icyemezo cyo kuba ingaragu kigomba gufatwa mu guhitamo hagati y'umuntu cyangwa se Umwami, kuko Umwami wenyine niwe washobora kuguha imbaraga zo kunyurwa nawe ziri muri we. Pawulo asobanura ko kuba ingaragu ari impano. (7)

"Icyo Imana Yateranije Hamwe…"

Igice cy'iby'ishyingirwa kigaragaza ibibazo bimwe bikomeye, igikomeye fatizo mur'ibyo aricyo. "Urushako n'iki mu maso y'Imana?" Muri make, igisubizo gubiszwa na Matayo 19:6: "Nuko icyo Imana yateranije hamwe, umuntu ntakagitandukanye." Iyo abizera babiri bateranijwe hamwe murushako Rwera, begurirana ubuzima bwabo kuko bemera ko Imana yabateranije hamwe. Uko kwemezwa kw'umutima ko Imana yabateranije hamwe nikwo fatiro guha urushako rwabo ubutanyeganyega, ntabwo ubutanyeganyega bwabo babuhabwa nagapapuro kavuga ko bombi bahurijwe hamwe byemewe n'amategeko. Turebye amahirwe menshi nibindi byinshi bishobora kugenderwaho kuba umuntu yashaka undi mur'iyi si, icyemezo cyo kurongora kigomba kuba gishingiye kukuyoborwa n'Imana.

Igice Cya 5

Amahame Atatu Yo Kubaho Ubuzima Nk'ubwa Kristo (Ibice Bya Munani, Icyenda N'icumi)

Mu buzima bwa gikristo, hari ibintu bidafatwa nk'ibibi cyangwa se byiza. Bitewe ningaruka zabyo ku mibanire yabantu cyangwa se mu mico runaka, ibyo bintu bifatwa nkibidakwiriye. Mu mico imwe, ibi bintu bishobora kuba nko kunywa vino cyangwa se gusokoza umusatsi mu buryo runaka. Mu muco w'Abakorinto, ibyo byari nko kurya inyama zatambiwe ibigirwamana. Hanze y'urusengero, abaturage b'I Korinto baramyaga ibigirwamana, ndetse bagakora imigenzo yo gutambira ibyo bigirwamana, iyo migenzi yari irimo gutamba inyamaswa aho nyuma yo kuzitamba bagurishaga inyama zazo ku giciro gito mu masoko. Abenshi mu bakizwaga wasanganga barigeze gukoraho iyo migenzo mbere yuko baje kugira kwizera muri Kristo. Nyuma yo kwizera rero, barwanaga no kumenya niba kurya inyama zatambiwe ibigirwa Mana bikwiriye cyangwa bidakwiye, kandi benshi muri bo bumvaga ko bidakwiye kurya izo nyama kubera ibitambo by'ibigirwa mana byabaga byazikorewe ho.

Abandi mu itorero, cyane cyane abari bafite amashuri cyangwa se abri bamaze igihe kinini ari Abakristo, bo nta kibi babonaga mu kurya inyama zatambiwe ibigirwa Mana. Mu maso yabo, ibigirwa mana ntacyo byari bivuze birenze kuba izahabu, ifeza, igiti n'amabuye kandi nta mumaro byari bifite mu si y'umwuka. Na Pawulo yari afite bene iyi mitekerereze ndetse yayishyigikiye ubwo yavugaga ati, "…tuzi yuko igishushanyo ari nta cyo ari cyo mu isi, kandi yuko ari nta yindi mana yindi iriho keretse imwe." (8:4) Nta kandi gaciro Pawulo yahaga izo zahabu n'ifeza, nuko yemeranya nabandi bizera bari bakuze ko kurya inyama zatambiwe ibigirwa mana bivuze ko kwizera k'umuntu kudakwiye.

"Ariko" niko Pawulo avuga, "ubwo bwenge ntibuzwi n'abantu bose." (7) Mu yandi magambo, Pawulo yavugaga ko buri wese Atari umunyabwenge nkuko mumeze. Pawulo yanditse ibi bice bitatu kugaragaza icyo umuntu wo mu itorero ufite ubwenge kuby'umumaro mucye wigirwa mana agomba gukora igihe ahuye na mwene Data udafite ubwo bwenge. Pawulo yimuye ikibazo agikura ku kurya inyama zatambiwe ibigirwa mana, agishira ku mibanire hagati ya bene Data muri Kristo nuburyo abo bakomeye mu kwizera bagomba gufata abanyanege nke mu byo bizera. Mu gusubiza icyifuzo cyabo cyo kugira

umudendezo wo kurya ikintu cyose Umwuka Wera yabahereye umudendezo wo kurya, Pawulo yabwiye abizera bari bakomeye mu byo bizera ati, “Ariko mwirinde kugira ngo umudendezo wanyu udahindukira abadakomeye igisitaza na hato…nuko rero niba ibyokurya bigusha mwene Data, sinzarya inyama iteka ryose kugira ngo ntagusha mwene Data.” (9,13)

Pawulo yari azi ko iki gisubizo kizatera abizera “bakomeye” kukibazaho. Pawulo ubwe yari intwari y’iby’umudendezo, kandi yangaga ibintu byose bijyanye n’imihango y’amategeko. Ntabwo yashakaga kubona abantu bahindura inyigisho ze nkigitabo cy’ibyo gukora nibyo kudakora muby’ubuzima bwa gikristo. Yar’azi ko abenshi mu bizera bakomeye bari bagiye gufata igisubizo cye nk’umuhango w’itegeko. Nabo bari kumusubiza bagira bati, “kuki umudendezo wanjye w’umwuka ugomba kubangamirwa n’intege nke za mwene Data?” Pawulo yanditse ibi bice bitatu kugira ngo yigishe Abakorinto (ndetse nawe nanjye), impamvu ari ngombwa kuri twe abizera, gutekereza ku ntege nke za mwene Data wundi mbere yuko duhitamo icyo dufitiye umudendezo wo gukora, ibyo bintu nibyo twita “ibyijimye byerurutse (ibiri hagati y’umukara n’umweru)” byo kubaho ubuzima nkubwa Kristo.

Incamake Yamahame Atatu Y’umudendezo Wo Kubaho Ubuzima Nk’ubwa Kristo

Dusanga inyigisho za Pawulo zo mur’iki gice zikusanyirijwe hamwe mu magambo ya nyuma: “nuko rero niba ndya mbishimiye, ni iki gituma ngayirwa ibyo nshimira? Namwe iyo murya cyangwa munywa mukora ikindi kintu cyose, mujye mukorera byose guhimbaza Imana. Ntimukabere Abayuda ikigusha, cyangwa Abagiriki cyangwa itorero ry’Imana, nk’uko nanjye nezeza bose muri byose, sinshakira ikinyungura ubwanjye, keretse icyungura benshi kugira ngo bakizwe” (10:31-33). Turebeye mur’ibi byanditswe dukuramo amahame atatu. Irya mbere, icyambere tugomba kwitaho kigomba kuba icyubahiro cy’Imana. Irya kabiri, ibikora byacu bigomba kuvamo agakiza kabandi. Irya gatatu, twiga ko inyungu zabandi ari ingenzi kurusha inyungu zacu bwite. Iyo utekereje kuri aya mahame atatu, ubona ko yerekana igitekerezo Pawulo ari budutondagurire mur’uru rwandiko, iyi nzira niyo: U.R.U.K.U.N.D.O – urukundo agape rw’Imana.

Isi ntabwo ishyigikira imitekerereze nk’iyo. Indangagaciro z’imico y’iyi si zigaragarira mur’iyi nteruro izisobanura: “Itegeko rya mbere ryo gutera imbere ni ukwirebaho kukurindira mukuramba.” Abantu b’iyi si bashingira ibikorwa

byabo ku kuba ikintu runka kiri bugire ingaruka nziza kuri bo. Bibaza bagira bati, "Njye ndakuramo iki mur'ibi?" Ariko imitekerereze ya Kristo, nkuko yigishwa na Pawulo aha, n'imitekerereze yo gutanga- gutanga duha Imana, kugira ngo yongerwe icyubahiro, no gutanga duha abandi kugira ngo babe bakizwa ndetse bakomezwe.

Agakiza kacu katugize imbata za Kristo. Ntabwo tukiri abumudendezo ngo dukore icyo twihitiyemo. Duhamagarirwa kugenza nkuko Kristo ashaka ko tugenza, byose bigakorwa kubwo guzanira abandi agakiza, kububaka no kubw'icyubahiro cy'Imana.

Ibyo Gushira Mu Ngiro Amahame Atatu Yo Kubaho Ubuzima Nk'ubwa Kristo

Mu gice cya 9, Pawulo yerekanye uburyo yashize mu ngiro aya mahame atatu mubuzima bwe bwite. Atangira, yabanje kurinda umudendezo we: "mbese si ndi uw'umudendezo?... mbese ntitwemererwa kurya no kunywa? Ntitwakwemererwa kugira abagore bizera, ngo tujyane na bo nk'uko izindi ntumwa zigenza, na bene se b'Umwami Yesu na Kefa?... Mbese ubwo twababibyemo iby'Umwuka, ntibikwiriye ko tubasaruramo ibyo gutunga umubiri? Abandi ko bafite ubwo butware kuri mwe, nkanswe twebwe? Ariko ntituragakoresha ubwo butware, ahubwo twihanganira byose kugira ngo tutabera inkomyi ubutumwa bwiza bwa Kristo. (1,4-5,11-12). Aha, Pawulo yerekanga uburenganzira bwe bwo kurya no kurya, ubwo kugira umugore nubwo kunguka ibintu bifatika bivuye mu byo akorera abandi mu murimo we.

Ibintu Byose Ku Bantu Bose

Nk'intumwa munsi y'itegeko ry'umudendezo, Pawulo yari afite uburenganzira bwo kugenza mu buryo ubwari bwo bwose budahabanyije inyigisho za Kristo, ariko yahisemo kutabikora. Ahubwo, yabwiye Abakorinto, "…*Ariko ntituragakoresha ubwo butware, ahubwo twihanganira byose kugira ngo tutabera inkomyi ubutumwa bwiza bwa Kristo… Ariko jyeweho nta cyo muri byo nakurikije*" (12, 15). Nubwo yari afite umudendezo wo kugenza uko ashaka kubuzima bwe, yahisemo kutabikora kubwo gutinya ko byabera inkomyi ubutumwa bwiza yaje kubwiriza. Mur'ubwo buryo, yahisemo kutikunda ahubwo ashyira imbere icyubahiro cy'Imana nagakiza k'umuntu kurusha ibyifuzo bye.

Agasongero k'ubutumwa bwa Pawulo kari mu gika gikurikira: "Nubwo kuri bose ndi uw'umudendezo, nihinduye imbata ya

bose ngo ndusheho kunguka benshi. Ku Bayuda nabaye nk'Umuyuda kugira ngo nunguke Abayuda, no kutwarwa 'amategeko nabaye nl'utwarwa n'amategeko nubwo ku bwanjye ntatwarwa na yo, kugira ngo nunguke abatwarwa n'amategeko. Ku badafite amategeko nabaye nk'udafite amategeko, kugira ngo nunguke abadafite amategeko, ariko ku Mana sindi udafite amategeko ahubwo ntwarwa n'amategeko ya Kristo. Ku badakomeye nabaye nk'udakomeye, kugira ngo nunguke abadakomeye, kuri bose nabaye byose kugira ngo mu buryo bwose nkize bamwe bamwe. Kandi ibyo byose mbikora ku bw'ubutumwa, ngo mfatanye n'abandi muri bwo. (19-23)

Nubwo Pawulo atari imbata yabantu, bivuze ko yavutse ari uw'umudendezo ndetse ntiyari imbata y'umuntu numwe, ubwe yahisemo guhinduka imbata y'abantu bose kubw'ubutumwa bwiza. Agambirira kubakorera mubryo ubwari bwo bwose kugira ngo yunguke amahirwe yo kubagezaho ubutumwa bwiza. Igihe ahuye n'Umuyuda, Pawulo yahinduraga imyitwarire ye kuburyo umuyuda ya kumva agakururwa nubutumwa bwiza. Igihe ahuye n'umuntu utize, Pawulo yavugana nawe mu buryo nawe yumva neza ubutumwa bwiza.
Nubwo hari imbibi atashoboraga kurenga, igihe umuntu yari utagira amategeko, Pawulo yakoraga ikintu cyose yari ashoboye kugira ngo amusobanurire anamukuruze ubutumwa bwiza. Nubwo Pawulo atirengagizaga ibyo yizera igihe abandi banze kubyakira, yahoraga ashaka gukoresha umudendezo we muri Kristo kugirango abantu binger zose bmve kandi basobanukirwe ubutumwa bwiza.

Pawulo yitaga cyane k'umudendezo we muri Kristo kandi akarwanya imihango yose yamategeko, ariko kandi yitaga cyane kuri bene Data b'intege nke ndetse akita no ku bumwe bw'umubiri wa Kristo. Mu kugendera ndetse yita kuri byo, yahisemo kwirinda ibikorwa byose byatera mwene Data w'intege nke gusitara.

Mu rwego rw'ibyo gushira mu ngiro, nubwo turi abumudendezo gukora ibintu byinshi muri Kristo, dufite inshingano zo kwita ku ngaruka zuko ibyo dukora bibangamira abandi, cyane cyane abo bagize igice cy'umubiri wa Kristo tubanamo. Aha rero, niba har'icyo dukora ntikibe inkomyi ku kwera kw'Imana cyangwa se umubano wacu na Kristo, ariko kikaba cyatera mwene Data gusitara, ntitugomba gukora icyo kintu mu maso yabo. Iri hamwe Pawulo ari kwigisha ntabwo urikoresha ubwira uwo mwene Data w'intege nke kureba hirya cyangwa se kumubwira kuva aho. Ishyirwa mu ngiro kw'iri

hame kubonekera mu rukundo no ku kwita kuri bene Data bo muri Kristo ndetse no kwita kubumwe bw'umubiri wa Kristo.

Gusobanukirwa Inshingano Y'abagore Mu Itorero

Mu gice cya cumi na rimwe cya 1 Abakorinto, Pawulo yavuze kubyerekeye n'inshingano yabagore n'ameza y'Umwami. Yabwirije abagore gutwikira imitwe yabo no gutunga umusatsi muremure. Pawulo yanditse ati: "naho umugore iyo ahirimbije umusatsi ukaba ari ubwiza bwe" (15). Mu muco w'Abakorinto, abagore b'imisatsi migufi cyangwa yogoshe bari bazwi nk'amaraya cyangwa se abagore b'ingeso zo kwibazaho. Mu rwego rwo kubatandukanya nabagore babakristo, Pawulo yabategetse gutwikira imitwe yabo no gutereka imisatsi yabo ikaba mire mire.

Iyi yari inyigisho ishingiye ku muco, ariko ihame ryayo ryo kwitandukanya numuco riracyafite ireme. Niba umuco waho dutuye ufite uko ufata abantu b'imyambarire n'imisatsi runaka, natwe tugomba kureka iyo myambarire nimiterekere yimisatsi yacu mur'ubwo buryo. Ntitugomba gutera abandi bene Data kutwibazaho bitewe nuko tugaragara, nta nubwo tugomba guha impamvu aho abo hanze y'itorero bagereranya abagore baba Kristo n'amaraya. Niba umuco wacu udafata abagore b'imisatsi migufi nka maraya, ntacyo byaba bitwaye k'umugore w'umukritso gutunga umusatsi mugufi.

Nkurikije uko nitegereje uru rwandiko, inyigisho yaho Pawulo yavuzeko umugore agomba kwitwikira igihe asenga cyangwa se ahanura, ntibivuze ko abagore bagomba kwambara ingofero igihe bagiye kurusengero. Ibi byari bijyanye nimigenzo, icyigenderwaho nubu mu mico yo muburasira zuba bwo hagati, aho abagore bagomba kuba batwikiriye mu bantu benshi. Iyi nyigisho y'ingenzi ya Pawulo irerekana, ko nubwo mu rwandiko Pawulo yandikiye Abaroma atwigisha ko tutagomba kwishushanya n'iyi si (Abaroma 12:2), ibyo ntibivuze ko tugomba kwirengagiza nkana ku muco waho dutuye. Uyu munsi, iyo abamisiyoni batuye mu burasira zuba bwo hagati, batozwa kutirengagiza nkana bimwe mu bigize imico yabo bisa nkibi.

Kuba Pawulo yibwira ko abagore basenga kandi bahanura mu materaniro, bivuze ko inshingano y'umugore mu materaniro harimo umugore kubwiriza no gusenga. Tugiye imuhengeri mu kwiga inshingano y'umugore mu itorero, ibyo byatuyoborera kwanzura tugira duti: umugore yakora ikintu icyari cyo cyose mu itorero, igihe cyose icyo kintu kiri munsi yubutware

bw'abakuru b'iryo torero. Tugendeye kandi kur'iyo nyingo yimitse, buri muntu wese mu itorero ari munsi y'ubutware bw'abakuru b'itorero, abakuru b'itorero nabo bakab munsi y'ubutware bwa Kristo muzima, wazutse ndetse baka no munsi y'ubutware bw'ijambo ry'Imana.

Imyitwarire Ikwiriye Mu Igaburo Ryera

Ubwo Pawulo yatangaga amabwiriza ahumekewe yakosoraga uburyo Abakorinto bitwaraga nabi iyo bahuriraga ku ifunguro ryera, yabwirije Abakorinto kubanza kwita ku bandi hagati yabo, no kwita ku mitima yabo mbere yo guhurira kur'iryo funguro. Yari yarumvise iby'iyo myitwarire idakwiye inshuro ebyiri: Ntibashiraga mu gaciro ibya bene Data muri Kristo netse bafataga iryo funguro mu buryo budakwiye: "kuko iyo murya, umuntu wese yikubira ibye agacura abandi, nukoumwe arasonza undi akarengwa." (21)

Mu kinyejana cya mbere cy'itorero, hari umuco wari umenyerwe witwaga "Ibirori by'urukundo", ibyo babijyaga mo mbere yo kwizihiza ifunguro ryera. Ibyo Pawulo yandika aha, bigaragara ko batahurizaga hamwe ibyo kurya byabo ku meza rusange. Byasaga nkaho buri wese yazanaga ifunguro ari burye ku giti cye. Bamwe bari abatunzi bakazana ibiryo byinshi, mugihe bamwe bari abakene (rimwe na rimwe bamwe bari imbata), kuburyo batashoboraga kugira nifunguro bazana. Abari bafite byinshi bariraga imbere yabadafite na bicye. Aha wasangaga uwizera umwe arya ibiryo byinshi imbere y'umwizera udafite ifunguro na rito. Bamwe bizera ko Pawulo yavuze ibyo kwibazwaho kubyerekeye aya mafunguro yafatirwaga ku rusengero ubwo yababazaga ikibazo giti: "Mbese ye, ntimufite ingo zanyu ngo abe ari zo muriramo no kunyweramo?" (22)

Wasanganga barya ib'ifunguro batitaye ku bizera bagenzi babo. Tubona kandi ko hari bene Data begeraga ifunguro ryera mu rwego rwo guhaza indamu ya vino. Bakoreshaga vino kugira ngo basined. Biradutungura iyo dusomye iyi mikorere idakwiye kubera ko tuyerereranye umuco w'itorero ryacu n'umuco "w'itorero ryambere ry'Abakorinto." Tugomba kwibuka ko iri niryo ryari itorero rya mbere ryo mu mujyi wimico yanduye ry'ikorinto. Bamwe muri twe bababyeyi yaba muby'umwuka cyangwa se iby'umubiri, dusobanukirwa neza uburyo impinja zikora amakosa menshi. Pawulo yita aba Bakorinto impinja (1 Abakorinto 3:1).

Birumvikana ko iyi mikorere mibi itari ishimishije kuri Pawulo. Ngombwa ya mbere yubusobanuro by'ifunguro ryera n'ukwibuka urupfu n'umuzuko wa Kristo ndetse no kwibwira ibyo ayo magambo abiri agomba gusobanura k'uwizera iyo ahuriye na Kristo ndetse n'undi mwizera kur'ayo meza. Pawulo yacyashye itorero ry'I Korinto yandika agira ati: "Ni cyo gituma umuntu wese uzarya umutsima w'Umwami wacu, cyangwa uzanywera ku gikombe cye uko bidakwiriye, azagibwaho n'urubanza rwo gucumura ku mubiri n'amaraso by'Umwami. Nuko umuntu yinire yisuzume abone kurya kuri uwo mutsima no kunywera kuri icyo gikombe." (27-28)

Mu busobanuro bumwe bwa Bibiliya, icyi gice kiburira Abakorinto kutajya ku ifunguro ryera mu buryo badakwiriye. Iby'ubu busobanuro birabaje kuko bitera abizera bamwe kumvako bagomba kuba bakwiriye ifunguro ryera. Mu gihe iryo funguro ryera rihuriranye nuko bakoze icyaha, abo bizera bagahitamo kutarijyaho, kandi aricyo gihe bakagambye kurijyaho. Ubusobanuro buzima busobanura ibya Pawulo neza. Pawulo yaburiraga Abakorinto (Njye nawe turimo), ko tugomba kujya kur'iri funguro mu buryo bukwiye. Iri funguro rivuga ku buryo twe tudakwiriye no ku buryo Kristo akwiriye nk'umucunguzi watubabarijwe akatuzukira.

Mu ijambo rimwe, Pawulo yababwiraga gufata ifunguro ryera nk'umwanya wo kongera gusuzuma mitima yabo imbere y'Umwami, uwo si umwanya waho abafite bahagira ibiryo cyangwa se basindira vino imbere y'abizera bagenzi babo bashonje.

Pawulo abere ko igihe cy'ifunguro cyagombaga na none kuba umwanya wo gusabana hagi yabo, ibyo yabivuze igihe yababwiraga ati: "Nuko bene Data nmuteranira gusangira, murindirane." (33) Ubumwe bw'abizera nabwo n'igice cy'ingenzi cy'ifunguro. Kurindirana kw'abizera bacyererewe mu gihe cy'ifunguro ryera n'ikimenyetso kigaragaza ubumwe bwacu imbere ya Kristo muzima, uwo twizihiza urupfu n'umuzuko bye ndetse dushira mu ngiro ib'urwo rupfu n'umzuko yaba ku giti cyacu ndetse nabandi muri rusange.

Ni gute ujya ku ifunguro ryera? Ese ujya ufata umwanya wo kwisuzuma mbere yo kurya no kunywa vino ishushanya umubiri we wamenaguwe ndetse n'amaraso ye yametse ku bwacu? Ese ujya ubona akamaro k'umubiri n'amaraso ya Kristo iyo ugira ubusabane na Kristo ndetse nabandi bizera mubana hamwe?

Ujye wibwira amagambo ari mur'icyi gice nuko ufate umwanya wo kujya ku ifunguro ryera nk'umwanya wera kandi wejejwe, yaba muri rusange cyangwa se ku muntu ku giti cye, ibyo bikagaragaza akamaro k'ifunguro ryera, bigakorwa mu kubaha no kwibuka igitambo cye, ndetse n'umuzuko we.

Igice Cy'urwandiko Cy'Ibyo Gukomeza

Igice Cya 6
Umurimo w'Umwuka Wera

Pawulo yatangiye iki gice cy'ibyo gukomeza mu rwandiko rwa mbere rw'Abakorinto ubwo yatangazanga ati: "Bene Data, ibyerekeye impano z'Umwuka sinshaka ko mutabimenya." (12:1) Abizera b'I Korinto bari abanyamwuka kandi bejejwe. Bari baratoranirijwe gukurikira Yesu. Ariko kandi bari abanyamubiri. Bari bejejwe kandi barahamagariwe kuba abera, ariko ubuzima bwabo ntabwo bwahamyaga Kristo kubera bari abera b'intamenya. Umutwaro w'uyu mwigisha ukomeye w'itorero ry'ikinyejana cya mbere nyuma ya Pentekote war'uyu: "sinshaka ko mutabimenya."

Mu buryo bw'isi, abizera b'Abakorinto bari abantu babahanga. Bakuzaga cyane ubumenyi, kandi birashoboka benshi muri bo bari bafite ubwenge bw'isi. Nk'abizera, bari bafite kandi ubwenge bw'Imana n'Umwuka Wera. Ariko ntibari bazi ibyerekeye n'imikorere y'Umwuka Wera. Abikomeje, Pawulo yifuzaga gukuraho ubw bujiji bwabo muri gice cya Kabiri cy'urwandiko rwe. Yatangiye yigisha iri torero ry'abera b'intamenya, yatangiye abigisha ibijyanye nuburyo Umwuka Wera ashaka gukora mu itorero.

Imyumvire ipfuye kubyerekeye Umwuka Wera

Itorero ry'Abakorinto ryari icyo twakwita uyu munsi, "Abakarizimatike." Kuko Pawulo mu itangira ry'iki gice cy'urwandiko rwe aho yari afite byinshi byo kuvuga kubyerekeye Umwuka Wera, yatangiye avuga uburyo bwinshi abantu bibeshya mu byo bibwira mu gusobanukirwa umurimo n'imikorere y'Umwuka Wera. Yababwiye ko atari byiza ku kuba intamenya kubyerekeye n'imikorere y'Umwuka Wera. Araza kandi kubabwira ko ari bibi gushaka gushushanya imikorere imwe y'Umwuka Wera ndetse kandi ko ari bibi gushaka kwitangirira ubwacu kugiti cyacu imirimo imwe y'Umwuka wera.

Umwuka Wera Atanga Impano

Pawulo yatangiye yigisha ko Umwuka Wera atanga impano z'umwuka ku bizera: Icyakora hariho impano z'uburyo bwinshi, ariko Umwuka ni umwe… Umwe aheshwa ijambo ry'ubwenge n'Umwuka, undi agaheshwa n'uwo Mwuka ijambo ryo kumenya, undi agaheshwa n'uwo Mwuka kwizera, undi agaheshwa n'uwo Mwuka impano yo gukiza indwara. Undi agahabwa gukora ibitangaza, undi agahabwa guhanura, undi agahabwa kurobanura imyuka, undi agahabwa kuvuga indimi nyinshi, undi agahabwa gusobanura indimi, ariko ibyo byose uwo Mwuka umwe ni we ubukorera muri bo, agabira umuntu wese uko ashaka. (4,8-11)

Iyo Umwuka Wera atangije ukubaho kwe mu mwizera, azana impano zitandukanye. Yubaka impano nyinshi zitandukanye mu bizera batandukanye kugira ngo izo mpano zikoreshwe mu mirimo(minisiteri) yihariye. Nubwo izi mpano zitandukanye cyane, kandi zigahesha abizera batandukanye kugira imirimo (minisiteri) itandukanye, ibyo byose bihabwa abizera n'Umwuka umwe, ari wo Mwuka Wera. Izi mpano z'Umwuka Wera zikorera hanze zikomotse muri Kristo wazutse. Abizera bafite impano bazikoresha mu bandi bizera mu matorero yabo. Iyo ibyo bibaye, itorero ryose rirubakika cyangwa se rikabonera mur'uwo murimo, kandi ibyo bigatma izo mpano zigera ndetse zigahesha umugisha abizera bikozwe mu kubaha ya nshigano nyamukuru umwami yadusigiye.

Impano z'Umwuka Zirekana Ubudasa

Mur'iki gice, twiga amahame abiri atandukanye ariko yuzuzana. Irya mbere, tumenya ibijyanye n'ubudassa bw'abizera bafite impano kubera ko bafite uruhurirane rutandukanye rw'impano z'Umwuka. Ababiri babaye muri twe babaye basa, umwe muri twe ni umburamumaro. Abera bose b'impano bo mu itorero ni ab'ingenzi. Abitorero bose ntibafite impano zubryo bumwe- bamwe n'abarimu, abandi n'abahanuzi, kandi abandi bafite kurondora, bamwe bafite Impano zo kuyobora nabandi bafite impano zo gukiza indwara.

Itorero ryuzuye umwuka, mu mubiri waryo rizagira itsinda rinini ryabantu bahawe umugisha wo kugira impano zitandukanye z'Umwuka, kandi izo mpano zose ziri munsi y'ubutware bw'Umwuka Wera. Umwuka Wera ntabwo ari ikintu gitemba. Umwuka wera n'ukubaho. Ibintu ni bibiri: kugira ukubaho k'Umwuka Wera muri twe cyangwa se

kutamugira. Icyo twita kuzura Umwuka Wera, bivuze kubaho ugengwa n'Umwuka Wera.

Impano z'Umwuka zikora nk'Umubiri

Icya Kabiri, tumenya ibyerekeye no gukorera hamwe, cyangwa se ubumwe bw'abera mw'itorero ryaho batuye. Ibi bisobanuye ko ab'itorero bose bahurijwe hamwe mur'umwe, kandi uwo bahurijwe mo ni Kristo. Ibi kandi bivuze ko, nubwo ab'itorero ar'abantu batandukanye bafite impano z'itandukanye, ariko bose bakorera mu mugambi umwe. Ni gute aya mahame abiri abusanye akorera mu itsinda rimwe ry'abantu? Pawulo azana hamwe aya mahame abiri abusanye kandi ahinyuzanya akoresheje ihishurirwa rye rihumekewe, iryo hishurirwa rivuga ko itorero rikora nk'umubiri w'umuntu:

"Nk'uko umubiri ari umwe ukagira ingingo nyinshi, kandi nk'uko ingingo z'umubiri zose, nubwo ari nyinshi ari umubiri umwe, ni ko na Kristo ari." (12) Imibiri yacu igizwe n'amaboko, ibirenge, amatwi, ibihaha, n'izindi ngingo – ingingo zitandukanye – ariko buri rugingo rukorera mu rwuzuzanye rwiza n'izindi ngingo z'umubiri. Buri gice gikora umurimo wacyo bwite kandi nanone bikora kubw'umubiri wose. Nuko bimeze no mu mubiri wa Kristo, aho buri bantu mu itorero bafite impano zitandukanye ariko bakaba bahurijwe hamwe nabandi binyuze muri Kristo, ari na we mutwe wacu (Abakolosayi 1:18)

Impano Z'umwuka Zivuguruza Ugusa

Ikibabaje, nuko Atari amatorero yose ashima ubudasa bw'impano z'Umwuka Wera. Bashima ko ab'itorero babo bose bagaragaza impano zisa, yaba impano yo gukiza indwara cyangwa se iy'ubuhanuzi cyangwa iy'indimi cyangwa indi mpano iyo ari yo yose. Icyo baba bashimangira n'uko impano zimwe no kwigaragaza K'Umwuka Wera biba byisumbuye kurusha ibindi, ibyo rero bikabatera gushaka ko buri wese mw'itorero yatunga izi mpano cyangwa se uko kwigaragaza k'Umwuka Wera. Kugiti cyanjye si ntekereza ko ari cyo Pawulo yashakaga kwigisha mur'iki gice cy'urwandiko kirimo ibyo gukomeza no kubaka itorero.

Pawulo yaranditse ati: "Icyakora hariho impano z'uburyo bwinshi, ariko Umwuka ni umwe." (4) Pawulo yigishije yerekana uburyo izi ngingo zigize umubiri w'itorero zidashobora gukora neza, ibi yabyigishije akoresheje urugero rw'umubiri w'umuntu mu rwego rwo kumvikanisha iyi ngingo: "Mbese iyo umubiri wose uba ijisho, kumva kwabaye he? Iyo

wose uba kumva, kunukirwa kwaba he? ... Ijisho ntiribasha kubwira ikiganza riti ‘nta cyo umariye’, cyangwa umutwe ngo ubwire ibirenge uti ‘Nta cyo mumariye.’” (17, 21) ubwo ntabwo bwaba ari ubumwe. Ibyo byaba ari ugusa. Ubwo buryo bwo gusa ntabwo ari bwo buryo intumwa Pawulo itubwira ko Kristo yaremeye itorero gukoreramo.

Itorero rifite umurimo

Iki gice cyerekana umumaro n’umurimo w’itorero. Tumenya ko itorero ribumbatirwa hamwe binyuze mu bumwe, nkuko bigaragazwa binyuze mu nyigisho za Pawulo ko turi umubiri ugengwa n’umutwe umwe, ari wo Kristo. Tumenya kandi ko abagize itorero bagira ubudasa binyuze mu mpano zitandukanye bahawe n’Umwuka Wera. Tugomba kubana mu bumwe ariko tudataye ubudasa bwacu. Ubwo budasa avuga ntabwo ari ubudasa bushingiye ku myigishirize cyangwa se imyizerere. Pawulo atwigisha ko hari uburyo bwaho twakwishimira ubudasa butandukanye bw’abwabagize itorero, kandi ibyo bikagerwaho hatabayeho gukomeretsa cyangwa se kubangamira ubumwe ndengakamere bw’itorero.

Itorera kandi rikorera muri rusange, ibi bivuze ko Umwuka Wera akoresha ab’itorero bose gusohoza umurimo wa Kristo ndetse no kwamamaza ijambo rya Kristo mur’iyi si. Umurimo we ntabwo ugomba gusohozwa binyuze mu kuboko kumwe cyangwa se abiri yabatambyi, ahubwo ugomba gusohozwa binyuze mu gukoreshwa kw’impano z’Umwuka ab’ibitorero bafite.

Na none kandi, abizera bo mw’itoreo berekana ukugirirana impuhwe, nkuko Pawulo yavuze: “Urugingo rumwe iyo rubabaye, ingingo zose zibabarana na rwo, cyangwa iyo urugingo rumwe ruhawe icyubahiro, ingingo zose zishimana na rwo” (26). Wongeye kur’ibi kandi, ingingo z’umubiri wa Kristo zikorera mu buringanire. Nubwo impano zacu zitandukanye, ari izo mpano ndetse n’abizera zikorerwamo, byose bifite agacro kangana mu maso y’Imana. Kubw’izi mpamvu, umuyobozi ukomeye wo mu isezerano rishya, Yakobo, yagaraje ikibazo cyo gushira abantu mu nzego ari icyaha. (Yakobo 2:9). Nubwo abizera bamwe b’impano ndetse na minisiteri (umurimo) yabo byaba atari ibirangirire, ariko bose (ibirangirire/naboroheje) bahabwa agaciro kangana na Kristo nyir’itorero. Ubu nibwo buryo Imana yahanze umubiri “kugira ngo umubiri utirema ibice, ahubwo ingingo zigirirane.” (25)

Impano Zibereyeho Kubaka No Gukomeza

1 Abakorinto 14 hagaragaza ikibaho iyo itorero rirutishije impano imwe kurusha iyindi, cyane cyane impano y'indimi. Mu itorero ry'Abakorinto, abavugaga mu ndimi bibonaga nk'abari hejuru y'abo bandi batavuga mu ndimi. Bakuzaga indimi nk'ikimenyetso fatizo zo kuba umukristo, aho kuzirebera mu maro ngombwa zifite nk'imwe mu mpano nyinshi Umwuka ashobora guha umwizera. Ikibazo cyoroheje twakwibaza kijyanye nuku kwigaragaza k'Umwuka Wera ni: ese kuvuga mu ndimi ni ihame ry'ibigomba kuba kuri buri mu Kristo, cyangwa se ni ibiba ku ba Kristo bamwe?

Ibibazo Bitatu By'amatorero Afite Impano

Iyo impano z'Umwuka ziri gukorera mu itorero, zirema ibibazo. Byakabaye byiza abashumba benshi bagize ibibazo bizanwa no kugira izi mpano kuruta uko bagira itorero rifite gahunda ariko ribura ubuzima bw'umwuka izi mpano zizana mu itorero. (Intumbi igaragara nk'ifite gahunda, ariko iba ipfuye.) Ibi bibazo bitangirana n'ikibazo cy'ivangura. Aho abafite impano bizera ko ari izihebuje cyangwa se impano zabo ziri mu itsinda rya za mpano zikuzwa, bene izo mpano batangira kwivangura bivana mu itsinda ryabo badafite impano cyangwa se imikorere ya minisiteri(imirimo) nk'iyabo. Iri vangura rizana ugusubira inyuma kur'abo badafite impano zimeze nk'izabo bandi. Bitewe nuko abizera batangiye kugira ukutiyakira mu mwuka, ab'itorero batangiye gusubira inyuma batangira gushidikanya agaciro kabo ko mu mwuka. Ab'itorero badahabwa agaciro kubera nta mpano isa cyangwa se ikora nk'izabandi bemera akenshi batangira kuva mu itorero, ibyo nabyo bikabyara ikibazo cya gatatu, ukwicamo ibice mu itorero, nabyo bitangira kugaragara.

Nyuma y'ibyo, uku gucika mo ibice kurakura kugeza aho ba ben'itorero badahabwa agaciro batangira kwivangura bakarema andi matsinda atandukanye abahereza ukwemerwa bashakisha. Mu mubiri wa Kristo, hariho ubwoko n'inzego z'abapoloso zigera ku bihumbi bibiri. Ese umubiri wawe wakora neza, mu ghihe waba uciwemo mu bice ibihumbi bibiri? Ibi bibazo bitatu by'ivangura, ugusubira inyuma no kwicamo ibice, byangije ndetse biremaza cyane umubiri wa Kristo kw'isi yose.

Mu rwego rwo kwirinda ko ikibazo kitazagera kur'uru rwego, Pawulo yahangaye Abakorinto. Yabwiye abo bakuzaga hejuru impano yo kuvaga mu ndimi kurusha izindi mpano ko iyi mpano atariyo nkuru ndetse itari yo mpano karanga yabakristo.

Mu mpano zose zitondaguwe mu gice cya 12, impano yo kuvuga mu ndimi igomba kuba impano ya nyuma yakoreshwa nk'impano yo kwerekana ko ukoreshwa n'Imana, kuberako, izindi mpano z'umwuka zitangwa kugira ngo zungure abandi b'izera bo mu itorero. Iyo impano yo kuvuga mu ndimi ikoreshejwe nta muntu gusobanura izo ndimi, ntacyo iba ikoze mu kungura umubiri wa Kristo: "uvuga ururimi rutamenyekana ariyungura, ariko uhanura yungura itorero." (4)

Pawulo agereranya impano yo kuvuga mu ndimi n'impano y'ubuhanuzi mu rwego rwo kwerekana ko abo bakuzaga hejuru impano yo kuvuga mu ndimi, batazi by'ukuri impano yabo. Ntibari bagasobanukirwa neza ko impano z'umwuka zigomba gukoreshwa kungura abizera. Birashoboka ko benshi birataga "ururimi rudasanzwe rwo gusenga" bari basangiye n'Umwuka Wera, ariko ugasanga ntacyo byamariraga ab'itorero bandi. Nubwo urwo rurimi ruboneye kandi rutangwa n'Umwuka Wera, rugomba gukoreshwa kungura umubiri wa Kristo binyuze mu wundi mwizera ufite impano yo gusobanura indimi (1 Abakorinto 14:27,28).

Pawulo yashimiye Abakorinto ko bwo gukoresha impano zabo zitandukanye mu kungura umubiri wose ariwo torero: "Nuko bene Data, iyo muteranye bimera bite? Umuntu wese afite indirimbo cyangwa amagambo yo kwigisha, cyangwa amagambo ahishuriwe, cyangwa ururimi rutamenyekana, cyangwa amagambo yo kurusobanura. Nuko rero byose bikoreshwe kugira ngo abantu bunguke." (26) Mu yandi magambo, impano za z'Umwuka zigomba gukoreshwa muh kungura umubiri wa Kristo. Zihabwa kugiranga zishyigikire ubumwe bwacu ndetse no gukomeza impano n'imirimo (minisiteri) yaco y'ubudasa.

Dushyize Mu Ngiro

Ni iyihe mpano/ umurimo (minsiteri) yawe y'umwuka? Ese waba waravumbuye uburyo Umwuka Wera yaguhaye, akagutegura ndetse akagukangurira gukoresha impano yakugabiye? Ese ni gute wakorera neza umubiri wa Kristo n'Impano zawe? Impano yawe yaba ari iyo kwigisha, kurobanura imyuka, gutanga ubwenge, kuwuga ubutumwa, kuyobora, impano zo gufasha, impano zo kugira impuhwe, impano zo gukiza indwara, cyangwa se impano iyo ariyo yose Pawulo yasobanuye, izo Umwuka Wera yaguteguriye ndetse akaguha nubushobozi ucyeneye kugira ngo uhe Imana icyubahiro ndetse wungure itorero. Fata igihe wige urutonde

rw'ibyanditswe bivuga ku mpano zirenga makumyabiri, uko wibwira utekereza kur'urwo rutonde, usenge kugeza aho Umwuka Wera hamwe n'abandi bziera bo mu itorero b'itorero ryawe bagufashije kumenya no kuvumbura impano yawe y'Umwuka. Nkuko Pawulo avuga, nta mwizera wo mu mubiri wa Kristo utagira impano. Tangira gukoresha impano zawe uyu munsi, maze witegereze uko Umwami agwiza ububasha n'ubushobozi bwawe kubw'icyubahiro cye.

Igice cya 7

Urukundo N'iki?
(Igice Cya Cumi Na Gatatu)

Pawulo yavuze ku bintu byinshi mu rwandiko rwe yandikiye Abakorinto ndetse atanga ibisubizo byihariye kuri buri bibazo. Ariko, yatanze igisubizo kimwe cyakoreshwa mu gukemura buri kibazo cy'iby'umwuka Abakorinto bahuraga nabyo, ndetse icyo gisubizo cyakoreshwa mu bibazo natwe duhura nabyo mu matorero yacu uyu munsi. Uwo muti ni urukundo.

Ikintu Gikomeye Kuruta Ibindi Mu Isi

Iki gice cya Bibiliya cyitiriwe urukundo gitangira gihera ku murongo usoza mu gice cya 12: "Ariko nimwifuze cyane impano ziruta izindi. Nyamara ndabereka inzira irushaho kuba nziza." (12:31) Mu gice cya 12, Pawulo yavugaga ku murimo w'Umwuka Wera, ari wo kugaba impano ku bizera. Mu gice cya 13, Pawulo yerekanye ko urukundo ari cyo ikintu gikomeye kuruta ibindi ku Isi: "Nubwo navuga indimi z'abantu n'izabamarayika, ariko singire urukundo, mba mpindutse nk'umuringa uvuga cyangwa icyuma kirenga. Kandi nubwo nagira impanoyo guhanura, nkamenya ibihishwe byose n'ubwenge bwose, kandi nubwo nagira kwizera kose nkabasha gukuraho imisozi, ariko singire urukundo nta cyo mba ndi cyo. Kandi nubwo natanga ibyanjye byose ngo ngaburire abakene, ndetse nkitanga ubwanye ngo bantwike ariko singire urukundo, nta cyo byamarira." (13:1-3)

Pawulo atangira igice cye gikomeye cyahariwe urukundo agereranya agaciro k'urukundo n'ibyo Abakorinto baro barahaye agaciro gakomeye. Kuko mu muco wabo bahaga agaciro ubutyoza ninako bafataga impano yo kuvuga indimi nk'impano shingiro mu kwemeza ko umuntu ari umunyamwuka, yatangaje ko naho yavuga mu ndimi zabantu (ubutyoza bwa muntu) n'izabamarayika (kuvuga mu ndimi), ariko ntagire urukundo, ibyo aba ari urusaku gusa gusa.

Aba bagiriki b'intiti bahaga agaciro ubumenyi no kwiga ariko Pawulo avuga ko urukundo ari ingenzi kurusha kumenya ibintu byose. Nkuko itorero rye ryari irinyamwuka, Abakorinto bahaga agaciro ubuhanuzi ko kumenya ibihishwe. Nuko Pawulo atangaza ko niyo yaba afite impano y'ubuhanuzi no kumenya ibihishwe byo mu isi ariko singire urukundo, mba mfite ubusa.

Arongera kandi akavuga ko naho natanga amafaranga yanjye yose kugaburira abakene ndetse nkatanga umubiri wanjye gutwika mbitangiye ariko singire urukundo, ugutanga kwanjye no kwicwa kwanjye bigera ku busa. Atangira uru rwandiko, Pawulo yemeye agaragaza ko abizera b'Abakorinto bari abanyempano bakomeye. (1:7) Nkuko Pawulo yavuze, ntacyo turi cyo, ntacyo dufite mu rwego rw'impano, nta nicyo twakora cyasimbura umumaro w'urukundo mu buzima bwacu bitewe nuko urukundo ari cyo kintu gikomeye kuruta ibindi ku isi. Nkibisanzwe Pawulo yemeranyaga n'intumwa Yohana ko Imana ari urukundo. Iyo niyo mpamvu urukundo aricyo kintu gikomeye kurusha ibindi ku isi, akaba ari nayo mpavu ntacyo ndi cyo, ntacyo natunga, nta nicyo nakora cyazigera gisimbura umumaro w'urukundo mu buzima bwanjye.

Hari amagambo menshi yikigiriki avuga urukundo. Aha, Pawulo akoresha ijmabo "agape". Andi magambo yikigiriki avuga iby'ubugwaneza cyangwa se urukundo rw'irari. Iri jambo(agape) n'ijambo rikoreshwa gusobanura uburyo Imana idukunda nuburyo twakunda abandi iyo urukundo rwacu ari rwa rundi Pawulo yasobanuye nk'imbuto y'umwuka (Abagalatiya 5:22,23).

Ntidushobora gusobanura ubwiza bw'uru rukundo, ariko twasobanura uburyo ubwiza bw'uru rukundo bwitwara cyangwa se bugaragara. Mu mirongo ya kane kugeza kuya karindwi, igitekerezo cy'urukundo cyanyujijwe mu mboni y'ibitekerezo bya Pawulo bihumekewe n'Umwuka Wera, bimaze kunyuzwa mur'ibyo, byatungutse biri mu itsinda y'indangagaciro cumi neshanu: "Urukundo rurihanga, urukundo rugira neza kandi ntirugira ishyari; urukundo ntirwirarira, ntirwihimbaza, ntirukora ibiteye isoni, ntirushaka ibyarwo, ntiruhutiraho, ntirutekereza ikibi ku bantu, ntirwishimira gukiranirwa kwa'abandi ahubwo rwishimira ukuri, rubabarira byose, rwiringira byose, rwihanganira byose.

Urukundo Ntiruyonga

Dukurikije iri huriro ry'indangagaciro z'urukundo, hari byinshi byerekeye uru rukundo rwa agape twakwiga ndetse tukanzura. Icya mbere ni uko urwo rukundo rutayonga. Rurihanganga rukihanganira byose; rwihanganira byose ndetse rukaramba kurusha ibintu byose. Uru rukundo rurakomeye. Iyo udukunda umuntu uru rukundo rwa agape, dushobora kubabwira ko ntacyo bashobora kuvuga cyangwa se bakora byashobora kutubuza kubakunda, kubera ko tubakundsiha urukundo agape urukundo rw'Imana, kandi urukundo rw'Imana rurakomeye. Kuko urebye, ubu nibwo buryo Imana idukunda. Igihe twiberaga mu buzima bwacu bw'icyaha, Imana yatweretse urukundo rwayo yohereza umwana wayo kudupfira (urebe Abaroma 5:8). Iyo dukunze abantu urwo rukundo rutayonga rumwe Imana yadukunze, tuzabakundisha urukundo rukomeye rudashobora kuyonga.

Urukundo ruzira amahame

Urukundo kandi ntacyo rusaba ukundwa. Ntirukunda umuntu bitewe nicyo bakoze cyangwa se batakoze. Uru rukundo ntirushingiye ku mikorere. Akensi, urukundo rwa muntu rutandukanye cyane nibi. Hari ibintu nuburyo dutegereza ko abantu bakwitwaramo natwe tukabaha urukundo rwacu igihe cyose bakomeje kwitwara ugo bagomba. Ubwo nibwo buryo ababyeyi benshi bakunda abana babo ndetse nuko abagabo n'abagore benshi bakundana. Ariko umuntu ukunzwe mur'ubu buryo ntaba atekanye muri we. Ntibigera bamenya ko imikorere yabo yaba yemewe. Bahora bibaza niba bazigera banyura amahamwe nibyo tubategerejeho. Niyo babishoboye, ntibiyizeza ko bashobora gukomeza kugenza mur'ubwo buryo.

Ariko Urukundo agape si uko ruri. Ntamahame rugira. Iyo dukunze ntamahame, ntitugira ukubika kw'ibibi abandi badukoreye mu rwego rwo kwerekana ko uwo muntu atagikwiriye urukundo rwacu. Iyo dukunze nta mahame, urukundo ntirutsindwa ndetse abantu ntibakenera kwibaza niba tubakunda cyangwa tutakibakunda. Nongere kandi, ubu nibwo buryo Imana idukunda. Nubwo akenshi tunanirwa gushyikira ukwera kwayo, ijyana kure ibyaha byacu "nk'uko aho izuba rirasira hitaruye aho rirengera" (Zaburi 103:12), ntijya isiba kutubabarira no kwibagirwa ibyaha byacu. Urukundo rwayo ntabwo rushingiye kubyo dukora cyangwa se uburyo dukora, ubwo nibwo buryo natwe tugomba gukunda abandi.

Urukundo Rukomeza Rushyigikira Rukuzana Uguhinduka

Urukundo kandi rukomeza rushyigira ruzana uguhinduka. Rwizera byose kandi rukiringira byose, nkuko Kristo yakunze intumwa. Igihe Yesu yahuye na Petero, yamwise Kefa, bisobanuye ngo, "ibuye" (Yohana 1:42). Nubwo ubuzima bwa Petero bwari buranzwe no guhangabana adashikamye, Yesu yamwise ibuye mu gihe cy'imayaka itatu, iyo myaka itatu ishize aramubwira ati, "… Uri Petero, kandi nzubaka Itorero ryanjye kuri urwo rutare, kandi amarembo y'ikuzimu ntazarishobora." (Matayo 16:18,19)

Uzagerageza ubwo buryo bw'urukundo ku bana bawe. Akenshi abana babaho bijyanye nibyo tubita. Iyo twita abana bacu ko ari abatsinzwe, bashobora kubaho nkuko twagiye tubita – abatsinzwe. Ariko, nidukundsiha abana bacu urukundo rwa "agape", urukundo rubizerera mo kandi rukibiringira, nitugenza utyo, tuzabona abana bacu mu bushobozi bwabo bwose bagera ndetse barenza ukwizera no kwiringira kwacu. Igihe tuba dukunda abana bacu nuku kubakomeresha amagambo yizera ndetse akabiringira mo, binyuze mur'ubwo buryo ukwizera nibyiringiro byacu bihinduka ibyabo. Bagera aho bizera ubushobozi bwabo ndetse bakagira ibyiringiro byiza bizabafashisha guhangara ejo habo. Icyo nicyo nsobanura iyo mvuze ko urukundo rwa agape rukomeza rushyigikira rukazana uguhinduka.

Urukundo ntirunanirwa

Nyuma yo gusobanura uko urukundo rusa, Pawulo asubira ku cyijyanye n'impano z'umwuka. Yerekanye ko impano z'umwuka zitazigera zisimbura urukundo kuko urukundo ruzaramba kurusha byose: "Urukundo ntabwo ruzashira. Guhanura kuzarangizwa no kuvuga izindi ndimi kuzagira iherezo, ubwenge nab wo buzakurwaho kuko tumenya igice kandi duhanuraho igice, ariko ubwo igishyitse rwose kizasohora, bya bindi bidashyitse bizakurwaho." (13:8-10)

Igihe Kristo azagaruka, ntituzongera gukenera ubuhanuzi. Nitumureba amaso ku maso tukamumenya uko ari, ntituzongera gukonera ubumenyi bwacu bwa kimuntu bugira igarukiro. Umunsi umwe impano zose z'umwuka zizashiraho, ariko ibi byiza bitatu bizahoraho iteka: "Ariko none hagumyeho kwizera n'ibyiringiro n'urukundo, ibyo uko ari bitatu, ariko ikiruta ibindi ni urukundo." (13:13)

Ibyiringiro ni ukwemezwa k'umutima Imana ishyira mu mitima yacu ko hari ikintu kiza mur'ubu buzima ndetse ko tuzakibona. Ibyo kandi bidutera kugira ugutekereza ko hari ikintu cyiza kiriho nyuma y'iyi si. Abaheburayo 11 hasobanura ibi byiringiro ndetse kukabihuza no kwizera: "Kwizera ni ukumenya rwose ibyiringirwa udashikanya ko bitazaba, kandi ni ko kuduhamiriza ibyo tutareba ko ari iby'ukuri." (Abaheburayo 11:1) Ibi bisobanuye ko ibyiringiro ari umusingi wo kwemeza umutima Imana iduha kutuyoborera ku kwizera. Ukwizera kubakira ku musingi w'ibyiringiro noneho kugahindurira ibyiringiro mu kwizera. Kwizera kutuyobora ku Mana. Igice cya Bibliya cyahariwe kwizera kitubwira ko tudashobora kujya ku Mana tudafite kwizera, ariko hamwe no kwizera dushobora kwegera Imana (11:6)

Icyo Pawulo ashaka kuvuga hano kigaragarira mu murongo wa nyuma w'icyi gice cyahariwe urukundo, icyo kikaba ari ko ibyiringiro bituyobora ku kwizera, noneho kwizera kukatuzana ku Mana, ariko iyo duhuye n'urkundo agape ntituba tubonye ikintu kitazana ku Mana. Iyo duhuriranye n'urukundo agape tuba turi mu kubaho kw'Imana kubera ko, Imana ni urukundo. Ibi byiza by'urukundo nibyo bigize Imana. Uko niko Pawulo yise Urukundo nkurukomeye kurusha ibindi byose muri bya byiza (urukundo, kwizera, ibyiringiro) bitatu bizahoraho iteka mu buzima, ndetse atubwira ko ugushakisha no kwifuza urukundo agape bigomba kuba aribyo bigomba kuba ibikundwa cyane by'ubuzima bwacu.

Igice cya 8

Umuzuko W'abizera Bose (1 Abakorinto 15)

Igice cya 15 n'igice cyahariwe ibyo kuzuka muri Bibiliya. Umuzuko ni kimwe mu by'umwuka Pawulo yagaragarije Abakorinto nk'igice cy'igisubizo rusange ku bibazo byinshi byari mu Itorero ryabo. Abanyafilozofi b'Abagiriki bashidikinyaga uburyo bwinshi bw'ibintu ndengakamere. Nubwo aba Bakorinto bari abizera, umuco wabo gakondo wakomezaga kubangamira imitekerereze yabo, ndetse n'ibyo bari bafite mu mitwe yabo byabateraga gushidikanya ibijyanye n'ibintu ndenga kamere, cyane umuzuko wa Kristo n'iby'umuzuko w'abizera bapfuye. Iyo aba Abakorinto bataza gushidikanya no kwibaza k'umuzuko, ntitwari kuba dufite uru rwandiko ndashyigikirwa Pawulo yanditse kubyerekeye umuzuko wa Kristo n'uwabizera, bikaba ar'ibyo bigize igice cya cumi na gatanu cy'Abakorinto bambere.

Pawulo yabibukije ko umuziko wa Yesu Kristo wari igice cy'ingenzi cy'ubutumwa yabwirizaga ndetse n'ibyo nabo bari barizeye: "Bene data, ndabamenyesha ubutumwa bwiza nababwirije, ubwo mwakiriye mukabukomereramo kandi mugakizwa na bwo, niba mubukomeza nk'uko nabubabwirije, keretse mwaba mwizereye ubusa. Muzi ko nabanje kubaha ibyo najye nahawe kumenya, yuko Kristo yapfiriye ibyaha byacu nk'uko byari byaranditswe, agahambwa akazuka ku munsi wa gatatu nk'uko byari byaranditswe." (15:1-4)

Ubu nibwo bwari ubutumwa bwabakijije ndetse nibwo bwari umusingi w'imyizerere yabo yose, Igihe intumwa Pawulo yatanganje umuzuko wa Kristo nk'igice cy'ubutumwa bwe, yanditse imiringo 54 ku mutwe wamagambo twakwita, "Umuzuko wo mu ngiro." Pawulo yatangaje ko umuzuko wa Kristo wagaragazwa binyuze mu buhamya bw'abatangabuhamya bawufite: "akabonekera Kefa maze akabonekera abo cum na babiri… yongeye kubonekera Yakobo, abonekera n'izindi ntumwa zose. Kandi nyuma ya bose najye arambonekera ndi nk'umwana w'icyenda." (15:5-8)

Abakorinto ntibarwanye gusa no kwizera mu muzuko wa Kristo, ahubwo banarwanaga no kwizera umuzuko w'abizera bose bapfuye igihe Kristo azagaruka. (Nkibisanzwe, Pawulo yari yarigishije Abakorinto ibyerekeye no kugaruka kwa kabiri kwa Yesu Kristo.) Pawulo yahuje umuzuko w'umwizera n'umuzuko wa Kristo, aho yise umuzuko wa Kristo "muganura" wabazazuka (20). Niba tutazazurwa, nuko Kristo nawe ntiyazuwe ndetse ibyo twizera byaba ar'iby'ubusa (13-14). Igihe Kristo yapfiraga ku musaraba, yikoreye uburemere bwose bw'icyaha kuri we. Ariko igihe yazutse mu bapfuye, yagaragaje ukunesha kwe hejuru y'urupfu. Kubera ibi, umuzuko we nigice cy'ingenzi cyo kwizera kwacu. Umuzuko w'imibir yacu ni ukagara mu ngiro k'umuzuko wa Yesu Kristo mu rupfu no kuzuka kwacu.

Abakorinto baribazaga, "Ese niba tuzazurwa mu bapfuye, mbese ibyo bizaba bite, ese imibiri yacu izaba isa ite?" Mu bwenge bwa muntu bw'Abakorinto ntabwo bizeraga umuzuko w'abizera kuko batari bazi cyangwa se ngo bamenye uko bizajyenda. Mu gusubiza iki kibazo, Pawulo yagereranije umuzuko w'abapfuye mko kubiba imbuto: "Wa mupfu we, icyo ubiba ntikiba kizima kitabanje gupfa. Kandi icyo ubiba ntikiba gifite umubiri kizagira hanyuma, ahubwo ubiba akabuto ubwako kenda kaba ishaka cyangwa akandi kabuto. Ariko

Imana igaha umubiri nk'uko yawukageneye, kandi akabuto kose igaha umubiri wako ukwako." (15:36-38)

Imbuto yo mu butaka ihinduka ururabo rwiza, nk'indabyo nziza tujya tubona, nubwo ubwacu tutajya dusobanukirwa uburyo ibyo biba. Dore ko urubuto ruba rwaratewe ntaho ruba rusa nk'ururabyo rukura ruva mu butaka. Nkuko Imana ihindura urwo rubuto guhinduka ururabyo, uko niko izahindura imibir yacu ibora kuba itabora mu gihe cy'umuzuko: "No kuzuka kw'abapfuye ni ko kuri: umubiri ubibwa ari uwo kubora ukazazurwa ari uwo kutazabora, ufite igisuzuguriro ukazazurwa ufite ubwiza, ubibwa utagira intege ukazazurrwa ufite imbaraga, ubibwa ari umubiri wa kavukire ukazazurwa ari umubiri w'Umwuka. Niba hariho umubiri wa kavukire hariho n'uw'umwuka." (15:42-44)

Imana iduha umubiri w'iyi si kugira ngo dushobore kuba mur'iyi si nanone Imana igomba kuduha imibiri y'ijuru kugira ngo tubashe kuba mu ijuru. Imibiri n'amaraso yacu bibora ntibishobora kwinkira mu bwami bw'Imana, nuko rero Imana igomba guhindura iyi mibiri yacu y'isi kudushoboza kuba mubuzira herezo, mu isi y'umwuka. Ibi ni byo Imana izasohoza mu muzuko wacu. Abo bazaba bakiri bazima igihe Yesu azagaruka nabo bagomba kugira iyi mpinduka, ndetse nibyo bizababaho: "…mu kanya nk'ako guhumbya…" (15:52) Amagambo y'ikigiriki akoreshwa aha ni, "mu gahe ka atomo". Uko Pawulo atondagura iyi mpinduka, yigisha ibibazo bibiri bigomba gukemurwa kugira ngo bidutegurire ijuru. Igice cyacu cy'ibora (Imibir yacu) igomba guhindurrwa itabora ndetse nanone igice cyacu gipfa cyigahinduka icy'idapfa. Igihe ibyo bitangaza bibiri bizaba bisohojwe, tuzaba twiteguriye ijuru. Ijambo "umuzuko" risobanura, "ukunesha hejur y'urupfu." Umuzuko w'abizera bapfiye uzakemura ibi bibazo bibiri ibyo bikazaba ar'ibyo kunesha k'umwizera hejuru y'urupfu. Niyo mpamvu Pawulo asoza iki gice gihambaye yamamaza ko urupfu n'umuzuko w'umwizera kuba intsinzi ikomeye! (15:54-57)

Pawulo yashyize mu ngiro inyigisho ye k'umuzuko ku bizera agira ati "nuko bene Data bakundwa, mukomere mutanyeganyega murushaho iteka gukora imirimo y'Umwami, kuko muzi yuko umuhati wanyu atari uw'ubusa ku Mwami." (15:58) Abanditsi bose b'ibyanditswe batubwira ibijyanye no ukugaruka kwa kabiri kwa Yesu Kristo kubera icyo gikorwa ari ibyiringiro by'umugisha by'itorero ndetse akaba ar'ibyo byiringiro byonyine by'iyi si.

Witegereze uko abahanuzi n'intumwa bahora bavuga ibyerekeye umuzuko, n'impamvu batubwira ibyo kugaruka kwa kabiri ndetse n'ibizaba byose bijyana n'ibyo byiringiro by'umugisha, urugero rw'ibyo n'umuzuko wacu. Mu murongo wa nyuma mur'iki gice cyahariwe ibyo kuzuka, Pawulo akoresha ubutumwa bwo kuzuka gukomeza abizera gukora umurimo w'Umwami. Bisa nkaho ari kutubwira ko turi mu ruhande rw'ikipe itsinda ndetse ko ubwiza bw'ubuzira herezo bwacu buzaterwa nurugero twagezeho turushaho kuba igice cy'intsinzi.

Ibyo Kuba Abashumba B'abizerwa: (1 Abakorinto Cumi Na Gatandatu)

Abizera benshi bumva baciwe intege igihe Pawulo abereka iby'ubutumwa bwiza by'ukuri kw'ijuru n'umuzuko biri mu gice cya cumi na gatanu, ibyo abikomerezaho avuga ati, "ibyerekeye kubyo gusonzoranyiriza." Hari ibintu dukeneye gusobanukirwa ku bijyanye n'iri kusanya na none dukeneye gushimira impamvu Pawulo mu rwandiko rwe yitaye cyane kubyo gukusanya aho yigeze gushumba.

Pawulo yashoje urwandiko rwe rwa mbere yandikiye Abakorinto abasaba gukusanya inkunga yo gufasha abizera b'Ababayuda I Yerusalemu, abo bera bari mu kaga gakomeye gaturutse ku mapfa ndetse no kubabazwa gukomeye kwaberaga I Yerusalemu. Pawulo yashyize ibi bijyanye n'ubwizerwa bwa gishumba mu gice cy'urwandiko yageneye ibyo gukomeza. Yakoze ibi kubera ko ubushumba ni kimwe "mu by'umwuka" yigeze kutubwiraho mu murongo wa mbere mu gice cya cumi na kabiri, aribwo yari atangiye kuvuga ku bujyanye no gukomeza abo yandikiraga. Yongeye kandi gushira ibi mur'iki gice kubera ko ubushumba bw'izewe ni kimwe mu bikorwa by'umwuka bigena ubuzima bwiza no gukomera k'umwizera.
Ibi kandi biduha kumenya neza ukuri k'uko Intumwa Pawulo yari umwe mu biremwa bishya atubwira mu nyandiko ze (2 Abakorinto 5:17; Abagalatiya 6:15). Ubuntu bw'Imana, buhindura ubuzima, nicyo ubtumwa bwiza bwa Yesu Kristo ari cyo. Pawulo yigeze kubaho umwe mu bateraga ubwoba mu mitima y'abizera b'I Yerusalemu n'I Yudaya (Ibyakozwe 8:3; 9:1, 13, 14). Uwakoraga ibyo, ubu ari gukusanya inkunga mu b'izera babanyamahanga yayoboreye kuri Kristo, abasaba gufasha abizera b'Abayuda yigeze kubaho afunga, abashyira mu bihome nabandi abica.

Urwandiko Rwa Kabiri Pawulo Yandikiye Abakorinto

Igice cya 9

Ibiranga Umukozi Ugabura Iby'imana (2 Abakorinto 1-6)

Pawulo yandikiye Abakorinto urwandiko rwe rwa mbere ari I Efeso, yarubohereje mu biganza bya Tito. Tito yazaniye Abakorinto urwandiko ndetse akomeza kubana nabo abasobanurira ndetse arinda ibyari mur'uru rwandiko kur'abo bagaraga mu bibazo Pawulo yari yavuzeho mu rwandiko. Hagat' aho, Pawulo yahatiwe gusoza igihe cy'imyaka itatu n'igice yari amaze muri Efeso kubera ko havutse imyivugambato yahanganaga n'umurimo yakoraga mur'uwo mujyi (Ibyakozwe 19). Pawulo yarakomeje yigira I Torowa akomeza I Filipi, aho yategerereje Tito kugarukana amakuru y'I Korinto nuburyo Abakorinto bakiriye urwandiko rwa mbere yabandikiye.

Ibyinshi mu makuru Tito yamuhaye byari byiza. Abakorinto bakiranye Tito urukundo n'umutima mwiza, nibyo Pawulo yari yabakanguriye gukora mu rwandiko rwa mbere barabyumviye. Ariko amwe mu makuru ntabwo yari meza. Hariho abantu bamwe bari batangiye kurwanya ubuyobozi bwa Pawulo nk'intumwa, abandi bari batangiye kunega ubushobozi bw'imivugire ye, abandi kandi batekerezaga yar'atangiye guta umutwe, cyangwa se "yasaze." (2 Abakorinto 5:13) ikiyongeye ku'ibi, abenshi muri bo bari barakomerekejwe n'uko Pawulo ubwe ataje kubasura. Ariko aba bo ntibigeze bahakanya ingingo iy'ari yo yose mu byo Pawulo yari yavuze mu rwandiko rwe rwa mbere kubera ko ibitekerezo bya Pawulo byari intakanywa. Ahubwo bahisemo kurwanya Pawulo ubwe. Nuko Pawulo amaze kumv' ibyo, yabandikiye uru rwandiko rwa kabiri.

Ibice bitandatu bibanza bya 2 Abakorinto bisobanura ibiranga umukozi w'Imana, bitewe n'uko icyo nicyo cyari ikibazo abarwanyaga Pawulo bitwazaga. Bamutekerezaga nk'udakwiriye umurimo w'intumwa bavuga ko atujuje ibisabwa kugira ngo abacyahe cyangwa se abakosore. Pawulo yanditse uru rwandiko mu kurinda umurimo we nk'Intumwa n'umukozi w'imana uvuga ubutumwa bwiza. Turebeye mu magambo ya Pawulo, dushobora guhuriza hamwe amahame y'ingenzi ajyanye n'ibiranga n'umukozi w'Imana.

Abo bahamagariwe mu murimo w'ubushumba uyu munis bafatwa nk'abakozi b'ubutumwa bwiza. Ariko ko kandi, iyo Pawulo akoresheje ijambo, "umukozi w'Imana" ntabwo aba avuga abatambyi, ahubwo aba avuga uwo murimo wose umwigishwa wa Yesu w'ukuri yahamagariwe.

Igice cya Kane cy'urwandiko Pawulo yandikiye Abefeso cyigisha ko abo bahamagawe nk'abavugabutumwa, abashumba, n'abigisha bose baba barahwe izi mpano "kugira ngo abera batunganirizwe rwose gukora umurimo wo kugabura iby'Imana." (Abefeso 4:12) (igihe abera bezwaga, cyangwa batoranirizwa gukurikira Kristo, Pawulo yabise Abera.) Mu yandi magambo, ibigize umurimo w'umushumba/umwigisha n'ugutunganya icyo twakwita "umuntu usanzwe" mu gukora "umurimo wo kugabura ib'Imana." Ntabwo umurimo wa minisiteri ari ukwita gusa kur'abo bafite imirimo igaragara, nk'abashumba, ahubwo ni ukwita ku bantu bose bagize itorero ryaho bateranira.

Ibyo Gutoza Umukozi Wo Kugabura Iby'imana

Pawulo asobanura uburyo Imana idutoza kuba abakozi bo kugabura ibyayo. Imwe mur'ubwo buryo n'ukutwigisha uburyo bwo guhumuriza bari mu makuba. Icya mbere, ikora ibi natwe yemera ko tubanza kubabara: "Hashimwe Imana y'Umwami wacu Yesu Kristo ari yon a Se, ari na yo Data wa twese w'imbabazi n'Imana ny'ir'ihumure ryose, iduhumuriza mu makuba yacu kugira ngo natwe tubone uko duhumuriza abari mu makuba yose, tubahumurisha ihumure twahawe n'Imana."

Iyo turi mu makuba, tuyoborwa ku Mana tukavumbura ko yo, ubwayo, yatubera ihumure dukeneye mu bihe by'amakuba. Iyo iyo twungutse ihumure rivuye kur'uwo ushobora kuduhumuriza by'ukuri, bidutunganiriza gushobora guhumuriza abandi bari mu makuba. Binyuze mu makuba twagize, no mukuvumbura kwacu, duhinduka abakozi b'Imana bujuje ibikenewe byo guhumuriza abandi, na none duhinduka abahamya bo guhamya ihumure twabonye igihe twari mu makuba. Umuvugabutumwa yagereranwa n'umusabirizi urbwira abandi basabirizi aho umugati uri. Umukozi w'Imana w'ibyo guhumuriza, nk'uko Pawulo abisobanura, n'uwo wigeze kubabara akaba abwira undi ufite umutima ubabaye aho ihumure riri.

Rimwe Pawulo yasobanuye ibi biranga umukozi wo kugabura ib'Imana, yahagaze ku ireme ry'umurimo akora abwira

Abakorinto ib'imibabaro yagiriye I Lusitira, aho bamutereye amabuye kugeza ubwo ashobora kuba yarahapfiriye: "Bene Data, ntidushaka yuko mutamenya amakuba yatubereyeho muri Asiya, ko twaremerewe cyane kuruta ibyo dushobora ndetse bigatuma twiheba ko tuzapfa, twibwira ko duciriwe ho iteka ryo gupfa kugira ngo tutiyiringira, ahubwo twiringire Imana izura abapfuye. Yaturokoye urupfu rukomeye rutyo na none iracyaturokora, kandi twiringira yuko izakomeza kuturokora." (1:8-10)

Mu buryo bugoye gusobanura, Pawulo yari arimo agaragaza ukuri kw'ibimuranga nk'umukozi wo kugabura ibyo kwizera. Yatangiye urwandiko rwe nikiganiro cy'uko imibabaro iduhindukiriza ku Mana ndetse ikaduhindura abo guhumuriza abandi, akomeza yerekana ko nawe yahindutse umukozi wo kugabura iby'Imana binyuze mur'iyo nzira. I Lusitira, Imana yemeye ko Pawulo ababazwa birenze ukwihanganirwa kwa muntu – kugeza aho nawe yabuze ibyiringiro byo kubaho – kugira ngo yige kwizera no kwiringira Imana kurusha uko yakwiringira muri we bwite. Ubwo yari amaze kwiga kutiyiringira, yamenye ko ar'Imana yonyine ishobora kuzura ubapfuye, amenya ndetse ko ar'Imana yonyine ishobora kumukiza mu byo we yabonanaga nk'ibihe byiza- ariyo byari imibabaro ye. Bamwe bemera ko Pawulo yavugag ko yahuye n'urupfu ndetse n'umuzuko igihe yaterwaga amabuye I Lusitira. Abandi bemera ko yakoreshaga imvugo nshushanyo mur'iyi mirongo.

Umurimo W'umukozi Wo kugabura Iby'Imana

Ni uwuhe murimo w'umukozi wokugabura iby'Imana? Pawulo yasubije cyo kibazo: "Ariko Imana ishimwe kuko ihora iturangaje imbere, ikaduha kuneshereza muri Kristo no gukwiza hose impumuro nziza yo kuyimenya, kuko turi impumuro nziza ya Kristo ku Mana hagati y'abakira n'abarimbuka. Kuri bamwe turi impumuro y'urupfu izana urupfu, ariko ku bandi turi impumuro y'ubugingo izana ubugingo. Kandi ibyo ni nde ubukwiriye?

Nkuko Pawulo agira, abakozi bo kugabura iby'Imana tumeze nk'indabyo, zitanga impumuro nziza ya Kristo aho tujya hose. Iyi mpumuro hari'abo iyoborerea mu gakiza n'ubugingo buhoraho cyangwa se abandi ikabigiza kure ibajyana mu rupfu. Iyo bahisemo kwanga umuhumuro wacu, baba bahisemo kwanga Kristo inzira zabo zikabayoborera mu rupfu. Ariko iyo bakuruwe kuri Kristo n'impumuro yacu, babona agakiza gatangwa na Kristo ndetse nubungingo buhoraho.

Uburemere bw'inshingano nkizo bwateye Pawulo kubaza ati, "kandi ibyo ni nde ubukwiriye?" (16) Ntabwo bwe twihagije kuba twaba abazana itandukaniro ryo kugira ubugingo buhorarho cyangwa se kurimbuka kwabantu bahura natwe mubuzima, Imana niyo yihagije kandi ikwiye ibyo: "si uko twihagije ubwacu ngo dutekereze ikintu cyose nk'aho ari twe cyaturutseho, ahubwo tubashishwa n'Imana. (3:5) Binyura mu Mwuka Wera kugira ngo ubuzima buhindurwe. Icyo twe turi ni ibinyabiziga Imana ikoresha gusangiza umuhumuro wayo; uwo muhumuro uturuka uva muri Kristo waduhinduye kandi ukomeza guhndura ubuzima bwacu.

Niki gikomeza ukomeza abandi?
(Igice cya 5:13-6:1,2)

Igihe Pawulo yireguraga kur'abo bamushinjaga kuba yataye umutwe we, cyangwa se "yasaze," ibyo yabikoresheje kwigisha undi murimo w'umukozi ugabura iby'Imana. Mu rurimi rw'ikigiriki, ibirego byasobanurwaga ko Pawulo yari "Umuntu w'imyitwarire itandukanye n'isanzwe mu bantu." Baregaga Pawulo ko yakoraga ibye abikuye ku yindi soko itandukanye niyabo. Bitewe nuko aba Bakorinto baregaga Pawulo bari abantu bihugiragaho, Pawulo nawe yemeye ko ibyo bamuregaga bimuhama. Ibyo nibyo yamenyeshaga igihe yandikaga ati: "Niba dusaze, dusaze ku bw'Imana." (5:13)

Pawulo yireguye iby'ubusazi yaregwaga ko byaturukaga mu rukundi rwa Kristo n'umuhamagari wo kugabura iby'Imana byari bigizi isoko y'ubuzima: "Urukundo rwa Kristo ruraduhata, kuko twemejwe yuko nk'uko Umwe yapfiriye bose ari ko bose bapfuye, kandi yapfiriye bose kugira ngo abariho be gukomeza kubaho ku bwabo, ahubwo babeho ku bw'uwo wabapfiriye akanabazukira… nuko rero, turabahendahenda mu cyimbo cya Kristo kugirra ngo mwiyunge n'Imana" (15:14-15, 20a)

Ibintu Bitatu Ntahinduka Pawulo Yashingiragaho Ibikorwa Bye

Pawulo yashingiraga ibikorwa bye kuri ntahinduka ehsatu: iya mbere nuko Kristo yapfiriye bose, iya kabiri nuko abantu bose batakaye, iya gatatu nuko bose bagomba kumva inkuru y'ubutumwa bwiza. Hamw no kugira Kristo ndetse no gushingira ubuzima bwe kur'izi ntahinduka eshatu, Pawulo yabaye ho nk'umuntu abandi babonaga nk'uwasaze (18)

Inzego Z'Imibanire

Mur'iki gice, mu kongera kureba ibyateraga intumwa Pawulo gukora ibyo yakoraga, dufite umwirondoro w'inzego eshatu z'ubukure bwo mu mwuka. Izi nzego zisobanura imibanire yacu na Kristo mu buryo butatu, ibyo twatondagura mur'ubu buryo: Na Kristo, muri Kristo na Kubwa Kristo. **Na Kristo** byerekana ibintu byose dutunze mu nzira ya gakiza n'imigisha y'umwuka na Kristo. **Muri Kristo** byerekana ubumwe bwacu muri we, nk'isoko yibyo dukeneye byose kugira ngo tumukurikire. Aya magambo abiri yerekana ntahinduka yo kwiyegurira kwacu, twiyegurira kuri byose biri mu mutima wa Kristo, nkuko abo bose bazimiye bagomba kumva ubutmwa bwiza bw'agakiza. **Kubwa Kristo** bihagarariye ikidutera kubaho ubuzima kubwa Kristo no muri Kristo.

Igice Cya 10

Ugukorera Mu Mucyo K'umukozi Ugabura Iby'Imana

Iby' urwandiko rwa Kabiri Pawulo yandikiye Abakorinto rwerekeranye n'umurimo Imana ishaka ko buri mw'izera agomba kubona cyangwa se agomba kubamo. Pawulo yabwiye Abefeso ko "Kuko turi abo yaremye ituremeye imirimo myiza muri Kristo," ndetse ko turi abo Imana yiteguriye kera mbere yuko dukizwa kugira ngo tugendere mur'iyo mirimo myiza (Abefeso 2:10). Twakijijwe kubw'ubuntu, ariko twaremewe gukora imirimo myiza. Mu yandi magambo, Imana idufitiye umurimo ndetse uwo murimo ukaba uri mu mpamvu yatwiyegereje hafi ikaduha agakiza. Nubwo iyi mirimo itari yo idukiza, ni yo mugambi y'agakiza kacu mur'ubu buzima.

Tumaze kwiga mur'iki cyigisho ko abizera bose ari abakozi b'ubutumwa bwiza, baremwe n'Imana kubw'Imirimo myiza, ndetse ko umugambi w'umurimo wacu ari ukunga abantu n'Imana. Ariko, kugira ngo tuzane abantu ku Mana, ubuzima bwacu bugomba kurangwa nukuri ndetse no gukorera mu mucyo. Bigomba kugaragarira bose ko icyiza cyose kiri mu buzima bwacu ari kubera Kristo wadukijije ndetse no kuba atuye mu buzima bwacu.

Ni gute tubaho ubuzima bwacu?

Ugukorera mu mucyo k'umukozi wi'Imana gutangira nuburyo abona ubuzima bwe. Ubwe yibona nk'igikoresho kiriho gukoreshwa n'Imana: "Ariko dufite ubwo butunzi mu nzabya z'ibumba, kugira ngo imbaraga zisumba byose zibe iz'Imana

zidaturutse kuri twe… Tugendana mu mubiri iteka urupfu rwa Yesu, ngo ubugingo bwa Yesu na bwo bugaragarire mu mibiri yacu." (4:7,10)

Tumeze nk'izambya z'ibumba, ariko mur'izi nzabya dutwaramo ubutunzi bw'igiciro ntagereranywa ari bwo Yesu Kristo. Ugukorerea mu mucyo kwacu gutuma ubwo butunzi bumenyekana ku bandi. Ndetse nibisate byo mur'izi nzabya zacu zigira uruhare mu gukorera mu mucyo kwacu kubera ko ubutunzi bwacu bumeze nk'urumuri rumurika runyuze mu bisate by'inzabya, cyangwa se ibimenyetso bigaragara by'inenge za muntu.

Mu rwego rwo gusohoza uyu murimo, Umwami yemerera ingufu z'ikanda kuza kur'izi nzambya z'ibumba. Izo ngufu z'ikanda n'ibigeragezo twihanganira kubw'ubutumwa bwiza. Iteka Pawulo mu nzandiko ze yerekanaga ko ibigeragezo bye byari igice cyo gutegurwa kwe nk'umukozi w'ubutumwa bwiza. Kristo yigaragariza mu bigeragezo byacu kubera ko imbaraga ze ari zo zidushoboza kubyihanganira: "Dufite amakuba impande zose ariko ntidukuka imitima, turashobewe ariko ntitwihebye, turarenganywa ariko ntiduhanwa, dukubitwa hasi ariko ntidutsindwa rwose." (4:8-9) Iyo ibigeragezo bituje ho tugashobora kubyihanganira, abandi bazatangara bibaza icyatubashishije kuyihanganira. Nuko rero twashobora kubasangiza ubutunzi bwagaciro ntagereranywa bwa Kristo.

Ishuri ry'Imibabaro

Pawulo yanditse ko twerekana ko turi abakozi bo kugabura iby'Imana binyuze mu bigeragezo byacu: "Ahubwo ku kintu cyose twihe agaciro nk'abakozi b'Imana bagabura ibyayo, twihangana cyane mu makuba, mu mibabaro, mu byago, mu biboko, mu mazu y'imbohe, mu midugararo, no mu mihati; tuba maso, twirirwa ubusa" (6:4-5).

Izo ntambara nzita, "Imiraba". Mu rwego rwo kwigaragaza, Imana yemerera abakozi bagabura ibyayo guhuriranywa n'imiraba. Yemerera ndetse hari n'igihe iyobora izi ngufu zikanda kubazahoo.

Imana hari uburyo runaka yifuza ko abakozi bagabura iby'ayo bitwara mu miraba: "dufite umutima uboneye, dufite ubwenge, tutarambirwa, tugira neza, dufite Umwuka Wera, dufite n'urukundo rutaryarya, tuvuga ijambo ry'ukuri, dufite imbaraga z'Imana kandi dufite intwaro zo gukiranuka z'iburyo n'iz'ibumoso" (6:6-7). Guca mur'izi mbaraga zikanda, uburyo

bwo kubwitwaramo buturutse mu mbaraga z'Umwuka ni ukwerekana Kristo mu isi nk'abakozi b'Imana bukuri bagabura ibyayo.

Mu gice cya gatanu, Pawulo atwereka agace gato kubyamusubizagamo intege. Mu gice cya cumi na rimwe, aduha agace gato ko kumenya ishuri rye ry'imibabro: "Si abakozi ba Kristo bagabura ibye? (Noneho ndavuga nk'umusazi), ndabarusha. Mbarusha mu mihati, mbarusha gushyirwa mu mazu y'imbohe, mbarusha cyane gukubitwa birenze urugero: kenshi nar mu kaga k'urupfu. Ibihe bitanu Abayuda bankubise inkoni mirongo itanu n'icyenda. Ibihe bitatu nakubiswe inga, igihe kimwe natewe amabuye, ibihe bitatu inkuge zaramenetse, naraye imuhengeri nirirwamo, nari mu ngendo kenshi, mu kaga gwtewe n'inzuzi, mu kaga gatewe n'abambuzi, mu kaga gatewe na bene wacu, mu kaga gatewe n'abapagani, mu kaga ko mu midugudu, mu kaga ko mu butayu, mu kaga ko mu Nyanja, mu kaga ko muri bene Data b'ibinyoma, mu miruho n'imihati. Mba maso kenshi, ngira inzara n'inyota, nirirwa ubusa kenshi, nicwa n'imbeho, nambara ubusa. (11:23-27) Mu'ibi bigeragezo byose, nuburyo yabyitwaye mo, Pawulo yashoboye kwerekana ko ari umukozi w'ubutumwa bwiza.

Ni gute abandi bazi ko uri umukozi w'Imana wo kugabura ibyayo? Abantu bifuza kubona itandukaniro ry'ubuzima bufite Kristo n'ubuzima budafite Kristo. Ese bajya babona ubutunzi(Kristo) butuye mu nzabya zawe z'imineka? Umurimo w'ubutumwa bwiza ntabwo ar'icyo Pawulo yise, "ukuriganya kugobeka ijambo ry'Imana." (4:2) Umurimo w'Imana w'ukuri n'ibijyanye nubuhamya bw'ubuzima bwacu bubayeho m mucyo – uburyo tubabara kubwa Kristo ariko tugashobora kwihanganira iyo mibabaro binyuze mu mbaraga zidushoboza z'Umwuka wera. Ubuzima bw'umukozi ugabura iby'Imana bugomba kuba igihamya cyangwa se icyimenyetso cya Kristo kur'abo bari gushakisha umucunguzi.

Igice cya 11

Ibitagaragarir' Amaso By'umukozi Ugabura Iby'Imana

Ibihe Pawulo Yagize Mu Nzira Ijya I Damasiko

Ntibishoboka gusobanukirwa ubuzima bw'intumwa Pawulo tudakoresheje ijambo, "ibihe umuntu agira." Pawulo yagize ibihe bidasanzwe igihe yari akiri mur'iyi si. Mbere yuko ahindurwa aba Umukristo, yarenganyaga itorero n'ishyaka rizira ubwoba. Yari afite icyo twita "iyerekwa riri mu mwobo"-

aho yari ashishikaye atumbereye ku kintu kimwe, nka Sawuli w'I Taruso, yari yariyemeje kurimbura icyinyejana cya mbere cy'itorero rya Yesu Kristo. Ariko yagize ibihe byo guhura na Kristo mu nzira ijya I Damasiko, aho Kristo yavuganye nawe imbona nkubone, ahumisha amaso ye urumuri rukomeye (Ibyakozwe 9). Ibyo bihe yagiriye mu nzira y'I Damasiko byahinduye ubuzima bwa Sawuli w'I Taruso iteka.

Ibihe yagize mu butayu bwa Arabiya

Mbere yuko Pawulo atangira umurimo we mu ruhame, yagiye mu butayu bwa Arabiya, aho naho yahagiriye ibindi bihe. Ari Arabiya, yamenye ibyo acyeneye byose mu gukora umurimo we, ahitamo kutagisha inama abantu nk'intumwa, ahubwo ahitamo kugisha inama rukumbi Kristo wazutse. (Abagalatiya 1,2). Impuguke ntabwo zemeranya ku gihe Pawulo avuga ko yamaranye na Kristo wazutse mu butayu. Bamwe bavuga imyaka itatu abandi bakemera ko yaba yarahamaze igihe kirekire kurenza imyaka itatu. Intumwa zamaze imyaka itatu ziri kumwe na Yesu nk'umwigisha wabo, Pawulo nawe avuga ko nawe yamaranye imyaka na Yesu amwigishiriza mu butayu bw'I Arabiya. Ibihe bihe yagiriye mu butayu bw'I Arabiya byamuteguriye kwandika igice cy'ibitabo bigize isezerano rya rishya ndetse no kwamamaza ubutumwa bwiza mu si yose y'igihe cye.

Ibihe Yagiriye Mu Ijuru

Pawulo yandika igihe cya gatatu yagize mu gitabo cya 2 Abakorinto 12, aho atubwira ko yisanze mu ijuru rya gatatu. Ntabwo yatanze ubusobanuro bwinshi bw'ibihe yahagiriye, uretse kuvuga ko yumvise "ibitavugwa, ibyo umuntu adakwiriye kuvuga." (12:4) Pawulo yasngije Abakorinto ibi bihe yagiriye mu ijuru mu rwego rwo kwerekana ibyemezo bye nk'umukozi w'Imana w'ubutumwa bwiza. Ibi bihe byemeje Pawulo ko bishoboka ko twabaho nk'abari mu ijuru kandi tukiri mur'iyi si. Ukubaho k'umukozi w'Imana agendera mur'iyi si ariko afite imitekerereze y'ubuzima bw'ijuru nibyo nasobanuraga ubwo navugaga "Ibitagaragarir' amaso by'umukozi ugabura iby'imana"

Ibyo Kwibwira Mu Buryo Bw'ijuru

Ibihe Pawulo yagize mu ijuru rya gatatu byasigiye ubuzima bwe ikimenyesto ntakurwaho. Kuva ubwo, byasaga nkaho yahoraga afite ikirenge cye kimwe mu ijuru ikindi kirenge kiri mu isi. Yahoraga avuga icyifuzo cye cyo kuva mu isi akajya kubana na Kristo, aho yahoraga afata ubuzima bwe

nkubw'agaciro gacye ugereranije n'icyubahiro cyo kubana na Kristo mu ijuru (Abafilipi 1:21-24).

Ibi bihe byagize inkaruka ku buryo yabonaga ubuzima asangiye nabandi. Igihe yandikiye Abefeso, byagaragaraga ko yashakaga ko bahora bashyira iby'ijuru imbere y'ibindi bibiwiraga mu bitekerezo byabo, ibi yabigize ubwo yandikaga: "Imana y'Umwami wacu Yesu Kristo, ari yo na Se ishimwe, kuko yaduhereye muri Kristo imigisha yose y'Umwuka yo mu ijuru" (Abefeso 1:3). Yandikiya Abakorinto iby'ingenzi ababwira ko niba muri ubu bugingo Kristo ari we twiringiye gusa, tuba duhindutse abo kugirirwa impuhwe kuruta abandi bantu bose (2 Abakorinto 15:19)

Ibyo kwibwira mu bijyanye no guca bugufi

Mu gice cya cumi na kabiri cy'urwandiko rwe, Pawulo atanga undi mwirondoro bwite w'ibimwerekeye ku buzima bwe. Abwira abakorinto ko yahawe "igishakwe" ari cyo "ntumwa ya Satani yo kunkubita ibipfunsi, ngo ne kwishyira hejuru kurenza ibikwiriye." (12:7) Impuguke nt'izemeranya neza icyo iki gishakwe ari cyo. Tuzi ko yandikiye Abagalatiya ko amaso ye yasaga cyangwa se yari mabi adashamaje kurebwa, ndetse ko nabwo ubwabo baterwaga iseseme no kureba amaso ye, ndetse niyo biba ibishoboka baba barahaye Pawulo amaso yabo (Abagalatiya 4:15)

Mu nzandiko ze yandikiye Abakorinto, avuga ku munaniro yahoranaga. Ababwira ko bafataga umubiri we nk'umubiri w'intege nke ndetse abibutsa ko akiri kumwe nabo mur'izo ntege nke nyinshi (2 Abakorinto 10:10, 1 Abakorinto 2:3). Bitewe nuko yanditse igice cy'isezerano rishya, agatangiza amatorero mu si yose y'igihe cye, akagirana na Kristo wazutse ibihe byiza byinshi bidasanzwe, Pawulo atubwira ko Imana yatekereje ko Pawulo ashobora kwishyira hejuru. Nk'uko Pawulo agira, Imana yemereye "igishakwe" cye kugira ngo amucishe bugufi.

Ese Imana yaba yaraguyhaye igishakwe? Ese hari imbogamizi zigutera kwibwira ko Imana itagukoresha? Emera ibihe Pawulo yagize bigusubize mo intege. Imana ikunda gukoresha intege nke zacu mu buryo bwo kwerekana imbaraga zayo. Ikunda gukoresha ubumuga bwacu mu buryo bwo kwerekana ubushobozi bwayo. Imana ikunda kwerekana ibihagije byayo mu bidahagije byacu. Imana izakoresha imbogamizi zawe kukwereka ubwawe ndetse nabandi ko bidaterwa n'uwo uri we cyangwa se icyo uri cyo, ahuwo biterwa n'uwo ndetse Imana

ari cyo. Gukorera Imana ntabwo bishingiye kucyo twashobora gukorera Imana ahubwo bishingiye kucyo Imana ishobora gukora. Ushimir' Imana kubwo kuba inyembaraga nubwo wowe ur'uw'intege nke. Uyemerere kugaragaza izo mbaraga zayo mu buzima bwawe, kurusha izo wigeze ubona cyangwa se ugira mu buzima bwawe mbere.

Igice Cya 12

Ubuntu bwo gutanga

Hari indi nyigisho ya Pawulo mur'uru rwandiko rwa kabiri yandikiye Abakorinto tugomba gutumbera ho tugana ku musozo wo kwigira hamwe uru rwandiko rukomeye. Mbere yo guhindurwa kwa Pawulo kuba Umukristo, yari umufarisayo w'ishyaka ryinshi wari wariyemeje kurinda imyemerere gakondo y'Abayuda. Bitewe nuko atemeraga Kristo ndetse agafata abakurikira Kristo nintagondwa zibangamiye ukwizera kw'Abayuda, yababazaga biteye ubwoba Abayuda bose bari abigishwa ba Yesu Kristo. Nyuma yo guhindurwa kwe kuri Kristo, urwibutso rw'ibyo yakoreye abizera benshi nka Sitefano yashize mu gihome ndetse akaza kumwicisha, bishobora kuba byaramuteraga urubanza rukomeye rwo mu mutima. Abo bigishwa ba Yesu b'Abayuda bo muri Yerusalemu n'I Yudaya bari bagikomeje kunyura mu kaga gaturutse mu kubabazwa ndetse n'amapfa. Nkuko twize mu gice cya nyuma cy'urwandiko rwa mbere yandikiye Abakorinto, Pawulo yari yuzuye imbabazi kubw' Abayuda bakurikiraga Yesu Kristo, abo yasabiraga ituro ry'umutima ukunze guturuka mu matorero y'abanyamahanga. Ukuri ko kubona ko uwahoze ababaza Abayuda bakurikiraga Yesu Kristo ari we ubu uri kubasabira ituro ryo kubafasha mu kaga kabo n'ubuhamya bukomeye buhamya igitangaza cy'ubuntu bw'Imana buhindura ubuzima.

Pawulo yandikiye Abakorinto ibijyanye niri turo ry'umutima ukunze mu gitabo cya 2 Abakorinto 8-9, abasaba gufatanyiriza hamwe mu gutura ituro riturutse k'umutima utekereje abandi bene Data bari kubabazwa. Yabasangije umuco wo gutanga w'Abafilipi, ari na wo mujyi yabagaba mo igihe yabandikiraga uru rwandiko, kuko Abafilipi bari urugero rwiza cyane ku byo gutanga no kuba abizerwa mu byo barinda. Ingendo z'ivugabutumwa rya Pawulo zaterwaga inkunga n'abizera b'I Filipi, abo bari bakuze bihagije mu byo kwizera kuburyo Pawulo yari azi neza impamvu zabo nziza no gusobanukirwa ibijyanye no kuba abarinzi babizerwa mu byo bahawe. Abafilipi kandi bari baratanze amafaranga yo gushyigikira

abera b'I Yerusalemu, iby'uko gutanga Pawulo yabyanditse mur'uru rwandiko yandikiye Abakorinto agira ati: "Bene Data, turabamenyesha Ubuntu bw'Imana amatorero y'I Makedoniya yahawe. Bakigeragezwa cyane n'amakuba menshi, umunezero wabo wabo uhebuje n'ubukene bwabo bwinshi byasesekariyemo ubutunzi, ku bw'iby'ubuntu batanze. Ndahamya yuko babutanze ku bwende nk'uko bashoboye, ndetse no kurenza ibyo bashoboye, batwingingiraga cyane kugira ngo twakire Ubuntu bwabo batanze, babone uko bafatanya umurimo wo gukenura abera. Icyakora ntibagenje nk'uko twibwiraga ko bazabigenza, ahubwo babanje kwitanga ubwabo biha Umwami wacu, kandi biha batwe nk'uko Imana yashatse. Ibyo ni byo byaduteye guhugura Tito ngo asohoze umurimo w'Ubuntu, uwo yatangiye muri mwe namwe kera. Nuko rero nk'uko musaga muri byose, ari ukwizera no kuvuga neza no kumenya, no kugira umwete no kudukunda, mube ari ko murushaho kugira umwete kugirira umwete uwo murimo wo kugira ubuntu na wo." (8:1-7)

Pawulo yari gufata ukwitanga kw'Abafilipi nk'icyitegerezo ku Bakorinto. Abafilipi bari itorero rya Pawulo rya mbere rikundwa naho Abakorinto bakaba itorero rye rya mbere riruhije. Nk'uko Pawulo yandikiye Abakorinto ibyo kugir'ubuntu by'Abafilipi, natwe yaduhaye ibitekerezo by'inyamibwa ku bujyanye ko kuba abanyabuntu babizerwa. Ngiyi incamake y'imitangire y'itorero ry'Abafilipi, ari yo mitangire Pawulo yagize icyitegererezo mu byo kuba abizerwa mu gutanga igihe yandikaga uru rwandiko ruhumekewe rwa kabiri ku Bakorinto.

Ibyiza Biranga Ugutanga Gukiranutse

Pawulo yavuze ko Abafilipi "babanje kwitanga ubwabo biha Umwami wacu, kandi biha natwe nk'uko Imana yashatse." (8:5) Pawulo ntiyakiraga ituro riturutse ku muntu uwari we wese keretse amaze kuzuza iri hame. Bagombaga kubanza kwiha Imana mbere yo kugira icyabo cyose bahereza Imana. Abafilpi bari barihaye Pawulo nyuma yahoo Imana yari yemeje ko byari biri mu bushake bwayo ko babigenza utyo.

Ikirenze kur'ibyo, Abafilipi batanze ibivuye mu bushake bwabo, bingingira guhabwa amahirwe yo gufatanya nuyu murimo wo gufasha abigishwa ba Yesu b'Abayuda bari mu kaga. Icyi nacyo n'igice cy'ingenzi kigize ugutanga kwiza. Pawulo ntabwo yakwigera ahata cyangwa se abeshye abantu kugira ngo bifatanye nawe batanga iri turo kubera ko yashakaga ko batanga bijyanye nubushake bwabo. Nkuko

yanditse mu gice gikurikira: “Umuntu wese atange nk’uko agambiriye mu mutima we, atinuba kandi adahatwa kuko Imana ikunda utanga anezerewe.” (9:7)

Ubushobozi Bukorera Mu Buntu Bukiranutse

Pawulo yavuze abafilipi batanze ku bwende bwabo, “nk’uko bashoboye, ndetse no kurenza ibyo bashoboye.” (8:3) Tuzi ko batari abatunzi kuko Pawulo yari yavuze ko bari “mu bukene bwinshi”. (8:2) Iyo umuntu atanzeku bwende bwe, akenshi twibwira ko ari abatunzi. Bigaragara ko byakorohera umutunzi gutanga bivuye mu butunzi bwe bwinshi. Ariko si ko byari biri ku Bafilipi. Batangaga mu bihe by’ubukene n’amakuba menshi – ndetse batangaga birenze ubushobozi bwabo bwo gutanga.

Bishoboka bite ko umwizera yatanga birenze ibyo ashoboye gutanga? Bishoborwa mu kwemerera ubuntu bw’Imana kongera ku mpano zabo. Iyo tumaze guhitamo ingano tuzi ko tugiye gutanga gushyigikira umurimo w’Imana maze tugasaba Imana kongera ubuntu bwayo kur’iyo mpano, bidushoboza kubona Imana ikora binyuze mu kwizera kwacu. Kubw’ubuntu bwayo, ishobora kugwiza ibyo tuyityra mu kwizera.

Abafilipi, mu bukene bwabo, batanze impano zabo nke ku Mana nabo bitegereza ubuntu bw’Imana buhindura iyo mpano kuba impano irenze irenze ubushobozi bwabo bwo gutanga. Ibi nibyo Pawulo yamenyeshaga igihe yavugaga, “turabemenyesha ubuntu bw’Imana amatorero y’I Makedoniya yahawe.” (8:1) Aha, ijambo ry’Ikigiriki ni “Charis” cyangwa se “Charisma”, bisobanura imbaraga cyangwa se umugisha w’Imana kubuzima bw’umuntu. Ubuntu bw’Imana nibwo budushoboza gutanga birenze ubushobozi bwacu bwa muntu. Ibi nibyo bisobanura ubuntu bwo gutanga.

Icyo twahanya no gutanga gukiranuka

Igihe Pawulo yatumiraga Abakorinto gufatanya nawe mu gutanga ituro ry’mutima ukunze ryo gufasha abizera bari mu kaga I Yerusalemu ndetse n’I Yudaya, yanditse agira ati: “Simvugiye ntyo kugira ngo abandi boroherezwe namwe ngo murushywe, ahubwo ni ukugira ngo ibibasagutse muri iki gihe bihabwe abandi mu bukene bwabo, kandi ngo ibizasaguka ba bandi na byo muzabihabwe mu bukene bwanyu, munganye nk’uko byanditswe ngo “Uwatoraguye byinshi nta cyo yatubukiwe kandi n’uwatoraguye bike nta cyo yatubiwe.” (8:13-15)

Gutanga bigomba kugira isano nibyo uwizera afite, ntabwo bigomba kuba ibyo adafite. Imana yakoresha Impano bijyanye

n’ukwigomwa kwabayeho mu gutanga iyo mpano. Iyo dutanze ibyo dufite mu kwizera, naho byaba biruhije ndetse tudafite byinshi byo gutanga, Imana ishobora kubigwiza mu buryo bwinshi butandukanye kuburyo bigira agaciro kangana n’impano nini umukire atanga ariko irimo ukwigomwa gucye. Imbuto z’impano ntabwo zituruka ku ngano yatanzwe ahubwo guterwa no kwigomwa(igitambo) ndetse no kwizera byatwaye mu gutanga icyo kintu.

Ibi nibyo Yesu yagaragaje igihe yavugaga ko umupfakazi w’umukene wari watanze impano nto ko ari we mu by’ukuri watanze ibirenze iby’abandi kubera ko yatanze nta guhatwa ibyo yar’arangamijeho imbereho ye. (Luka 21:1-4)

Ese kuri wowe bimeze gute? Ese ujya wibuka ko ibyo ufite byose bituruka ku Mana ndetse ko igusaba kuba umurinzi mwiza wabyo? Ese utangana umutima wishimye mu murimo w’Imana? Ese hari ukwigomwa kuri mu mitangire yawe? Kiranuka mu byo ufite Imana nayo izabikoresha guhesha umugisha ubwami bwayo – iryo n’isezerano ryayo.